

# KANGURA

N° 4

KA02 1083

100 FR

10021053


## IMIGAMBI Y'INYENZI ZIYISE INKOTANYI N'IBYITSO BYAZO

### SURAJI YARATAHUWE.

IBARYA NGO REPUBULIKA YA 2  
NTACYO YAGEZEHO?  
BAZABESHIYE IKINDI!



NSHUTI YANIYE  
RUSOFERO BYARE-  
NRE BITE?  
NTACYO BITWAYE!  
ARIKO NDAKUSABA  
KWAKIRA NZI  
IZI NSHUTI  
ZACU.



Fred RWIGYEMA

Peter BAYINGANA

BUNYENZEZI

N° 4 ANNÉE 1990

BIMENSUEL INDEPENDANT  
RÉDACTION GISENYI INFO. B.P. 19  
GISENYI

Abonnement annuel - 1000 FRW  
Afrique - 2000 FRW  
Europe - 2500 FRW  
Sur epse BCR - 1423/14 KIGALI


## L'ANCIEN PLAN DES RECONQUÉRANTS DU POUVOIR EST A LA MODE AUJOURD'HUI.

LE PLAN DE LA COLONISATION TUTSI AU KIVU ET REGION CENTRALE DE L'AFRIQUE.

Lors du trouble du 1959 — 1962 à MATANDA KARUBA-KIBARI au Nord du Kivu, une lettre a été découverte à NYAMITABA en date du 6 août 1962. En voilà la teneur :

« Puisque nous sommes numériquement faibles au KIVU et que nous, pendant les élections de 1960 avons réussi d'une façon très magistrale à nous fixer au pouvoir en **nous servant de la NAIVETE BANTU** et que d'autre part notre malignité a été découverte un peu tard par les Congolais, tout « **mututsi de quelle région qu'il soit est tenu à appliquer le Plan ci-dessous et y présenter une très large diffusion dans les milieux tutsi du District des Volcans** ».

1. Sachez que les Bahutu sont apparentés aux Congolais et que notre méthode de **colonisation** doit par conséquent s'appliquer à ces deux sujets :
2. Mettez tous les moyens que nous avons employés au Rwanda en œuvre pour soumettre les Bahutu du Congo et toutes les autres ethnies qui les entourent ; procédez méthodiquement et progressivement car une moindre précipitation risquerait à éveiller leur appel de la conquête de RWABUGILI notre héros national.
3. Première tâche de tout intellectuel est d'essayer de décrocher un autre commandement dans le territorial car vous êtes sans ignorer l'importance de ce service dans la diffusion des idées politiques parmi la masse ignorante.
4. Tout intellectuel mututsi est tenu de se faire un ami dans tous les services administratifs de la République du Congo pour lui permettre de s'initier à la machinerie administrative de ce service en vue de se préparer au remplacement éventuel, à la responsabilité de ce service.
5. Puisque nous ne pouvons pas remplacer les élus Bahutu, faisons-en des amis. Offrons-leur quelques cadeaux et surtout de la bière afin de leur tirer les vers du nez. Offrons-leur nos filles et au besoin marions-les à eux ; les Bahutu résisteront difficilement à leur beauté angélique.
6. Quand nous aurons acquis tous les postes importants, nous aurons bien place pour muter tous les ennemis Bantous à notre guise et surtout les Bahutu.



Umuyobozi wa KANGURA

7. Envers la masse hutu, usez de pacte de sang, vous connaissez d'ailleurs l'inefficacité du pacte : ne l'avons-nous pas déjà violé sans aucun mal ?
8. Tout territorial tutsi est tenu à user de la peur pour affermir son autorité auprès de la masse crédule bantou.
9. Servez-vous de la crédulité des évolués Bahutu et faites-vous les instruments pour défendre votre cause et admettre votre campagne électorale. Dès que la campagne est passée payez monnaie de signe pour montrer leur incapacité.
10. Les fonctionnaires à notre domination, nous les ridiculiserons des Bantous ignorants et les traiterons d'ambitieux ; ils seront d'ailleurs très peu nombreux car **un muhutu se soucie peu du sort de ses semblables**.
11. Dès que la conscience ethnique naît, divisons-les promoteurs de cette conscience. « Diviser pour régner ».
12. Soumettre les gens des autres ethnies qui sont dans nos (fillets) filets et surtout nos vendus Bahutu pour qu'ils fassent une campagne à notre faveur.
13. Sachez qu'un muhutu est créé pour servir et que jamais ne briguera pour avoir un poste de responsabilité. Quand ils s'en rendent compte, ce sera trop tard. Commencez par occuper tous les postes territoriaux et chaque territoire du District des Volcans, un administrateur veille à nos intérêts.
14. Essayez de maintenir les agents de l'Etat Bahutu dans le complexe d'infériorité.

15. Les Bahutu conscients du sort de leurs frères seront éloignés de ce District afin qu'ils n'aient pas d'influence auprès de la masse.
16. Nous faisons appel à toute la Jeunesse tutsi pour qu'elle rejoigne l'A.J.I.R., car si malgré notre finesse nous ne réussissons pas, nous ferons appel à la VIOLENCE. Cette jeunesse aura pour devoir de soutenir les territoriaux tutsi et répondeur par terreur et se servir de la sûreté de nos agents et acolytes.
17. Pendant ces moments difficiles, nous demanderons à tous les Batutsi de soutenir le gouvernement Jean MIRUHO, où nous étions représentés par deux ministres, car la chute de ce gouvernement est notre propre chute. Miruho n'était pas déjà dans nos filets ?
18. Combattre les WANANDES et BAHUNDE ennemis de notre protégé Jean MIRUHO, en vous servant bien entendu des BAHUTU naïfs. Usez de tous les moyens pour réussir.
19. **Sachez que les Bahutu sont gourmands.** Offrez-leur beaucoup de la bière et distribuons-leur beaucoup d'argent. Nous avons beaucoup d'argent fraudé et 65.000.000 F qu'on devait aux moniteurs catholiques.

### Extrait des Archives de l'ASSEK (Association des élèves au Kivu).

Nous voterons pour la province du Nord-Kivu parce que nous voulons l'Unité Rwandaise au Kivu. Nous n'abandonnerons pas nos frères de MASSISI à leur propre sort et nous ne voulons pas cette unité par le versement de sang.

**L'Unité bantou :** pour combattre la dictature hamite soutenue au sein du gouvernement MIRUHO par deux Ministres.

**L'égalité :** nous ne l'opposerons jamais à la province du Nord-Kivu par ce qu'elle a été votée par la chambre des Représentants nationaux. Nous ne voulons pas aller à l'encontre du désir du Président KASAVUBU de voir les territoires de GOMA et de RUTSHULU faire partie de la province du Nord-Kivu, afin de ne pas subir le sort de Patrice Lumumba et de tous les ambitieux qui l'ont combattu après l'accession du Congo à l'Indépendance.

Copie certifiée conforme à l'original (sauf modification du style gauche)  
MWESO, 31 st March, 1980-midnight.  
N.B. Traduction en Anglais par SEBISHWI MUNGABO AYAD.

## EDITORIAL UKO BYAGENZE

KA02 1085

# NGEZE HASSAN YAPFIRIYE IGIHUGU, FRED RWIGEMA APFA URWA SAMUEL DOE.

Mvuye muri gereza aho nageze tariki ya 6 Nyakanga 1990 mu ma saa tanu za mu gitondo. Muti byagenze bite rero? Mubara nkuru yewe (mu gihe) mbere y'uko ntangira kwandika ibyo nahuye nabyo byose nasabaga buri munyarwanda ukunda u Rwanda wari ku butaka bw'u Rwanda igihe nari muri gereza ya Kigali, kumfasha gushimira Imana kuko amasengesho mwansabiye ndi muri buriya buvumo. Imana yarayakiriye. Maze yereka umwanzi ko ibyo yifuzaga byose ari ubusa imbere ya Rurema. Nafunzwe ku bw'abanzi mfungurwa ku bw'Imana y'i Rwanda. Sinabura kuvuga ko Imana yirirwa

ahandi igataha i Rwanda. Kandi aho irara si ha handi hari abantu bishimye gusa ahubwo itaha na hamwe hari bamwe mu bazira ubusa. Nko muri gereza cyangwa mu bitaro tudasize n'amazu y'abakene. Narafunzwe. Ariko sinafunzwe na Leta n'ubwo ariko yanciriye urubanza.

Muti wadutindiye tubwire uko byakugendekye.

Byose mbikesha ibiro ntaramakuru byigenga byitwa Gisenyi-Information bikorera ku Gisenyi. Ibyo biro byo gahoraho bifite ubuhanga buhanitse mu gutahura abagizi ba nabi. Yewe

n'uwatekereje guhirika ubutegetsi we yibwira ko atazwi nyamara twe tuba tubizi dore ko ari twe twenyine dufite ibiro ntaramakuru byigenga mu Rwanda. Ibindi biboneka ni ibya ORINFOR byitwa A.R.P. byo bikorera Leta.

### **Muti amakuru muyamenya mute?**

Hari ayo duhabwa n'amahanga cyangwa se n'abagiranza baba mu Rwanda. Bitaba ibyo tukayamenya mu buryo bw'iperereza dore ko kugeza ubu dufite ubuhanga buhanitse muri urwo rwego dukesha EDUCATEL-PARIS.



Iyo amakuru tuyabonye rero turayanonosora maze tukayagurisha abayakeneye. Nk'yo patike (parquet) ifite anketi yayibereye insobe iratwiyambaza kandi tukabikora vuba. Ubwo asigaye niyo dutangaza mu binyamakuru andi tukayabika nk'aho ari amateka.

Reka ngabanye kuvuga Gisenyi-Information izavugwe n'ababonye anketi nakoze igasuzugurwa maze inyanga rwanda zikatwinjirana.

#### Dore uko byagenze:

Burya iyo nshaka kugurisha igihugu ngashaka gukora ariko ngambanira igihugu cyambyaye, simba narabuze za miriyoni mpabwa na Kajeguhakwa. Maze sinsenye imitwe ye uko yari ibiri dore ko uwa gatatu Ingabo z'Igihugu zawusandariye mu Mutara nk'uko mwabikurikiranye byari kumworohera kuko yamenye ko ngiye kumutamaza, mbere y'uko mbikora ubwo *Kangura N° 1* yarasohotse havugwa amagambo menshi ngo narakajwe nk'uko Rugerinyange Noel na Ravi bariye amahera bakanyima.

Siby byandakaje cyangwa se ngo bintere ubwoba. None se kurya amafaranga bagatsemba ubwoko bwawe bwose bimaze iki? Ese iyo nyarya nje bene wacu bakabimenya ko nabo bafite ubwenge aho nari kubakira?

Nje natewe ubwoba n'ibyo nari maze kumenya. Kandi nje muribuka ko ibyo nanditse byose muri *Kangura N° 1, 2, 3*, byose byakurikiranye nk'uko nabivuze. Zishake uzisome niho uribusobanukirwe nibi uri gusoma muri *N° 4*. Navuze ko namenye imigambi y'Inkotanyi zizadutera. Navuze n'ibyo biri mu maperefegitura. Navuze ko hari n'amafoto yabo. Mbese muri make nta maraso yagombaga kumeneka iyo hahita hakorwa anketi ku byo navugaga. None se abantu bamfunze nta na konvokasiyo (convocation) mbonye murabona ko abo bene kumfunga nta ruhare rukomeye babigizemo!

#### **Abamfunze niba batariye akayabo bari babifitemo uruhare runini.**

Nje maze kumenya neza ko tugiye guterwa, nihutiye kubimenyesha inzego zose z'ubutegetsi, iza gisilikare n'iza gisivile nk'uko mubibona ku mapaji ari imbere ndetse n'ibinyamakuru byakorera Majyambere Silas, byaranyijunditse ngo kuki namenye ko

igihugu cyacu kigiye guterwa nkabimenyesha ubutegetsi? Ngo ndi icyitso cy'ubutegetsi! Ngo nzajyane ubumanako iyo ngo mbuvane mu itangazamakuru. Ibyo nabibonye mu *Ijambo* rya Hangimana F.X. na Mutsinzi Edouard.

Ese ko nivugiyeye Ravi gusa kuko ariwe wari shefu kandi akaba ari nawe wagiye muri Kenya, mwebwe mwasigaye iyo mvuga kontaro mwagiranye na Majyambere ku byo mwari kuzajya mwandika mu gihe cy'intambara aho namwe ntimuba muri muri 1930? Nanze kubavuga kugira ngo ntasenya itangazamakuru ryo mu Rwanda. Iyo mvuga byose hari bamwe mu banyamakuru ba *Kinyamateka* na Semusambi batari gusigara. Semusambi we ndabizi azivuga. Aha ndashima Padiri Sibomana kuko nawe abanyamakuru be atabashiraga amakenga ku kibazo cy'impunzi. Yewe ibyo azi byose abivuze koko hacura...

Icyakora ubwo bari bataratanzwe bagombye kubabarirwa, wenda ya komisiyo izabikurikiranira hafi. Abahanga mu kureba basanze inyanga rwanda zitaraguze ibinyamakuru byo mu mahanga gusa kuko haguzwe n'abanyamakuru bo mu Rwanda. Ibyo tubyihorere uzahakana nzamuha ibimenyetso simusiga.

#### **Abamfunze nabo si shyashya.**

Nkimara gufatwa nasobanuye ko ibyo bintu nabivuze no mu nzego zo hejuru. Umusubustiti witwa Hitimana Antoni aho kubyumva ngo ndashaka guteranya amoko aho atagiye gukora iperereza ngo arebe ko nabivuze koko ahubwo yahisemo kubwira porokireri (procureur) Nsanuwera Faransisiko ngo ngomba gufungwa ku buryo budasanze kandi bwihutirwa. Nyamara se uwo Hitimana akimara kumfunga ntiyagororewe kuba porokireri wa Gisenyi ku mupaka wa Goma-Gisenyi! Nzanzuwera se ntiyahawe kujya kwihugura mu Butariyani (stage). Nyamara Kajeguhakwa atangira iriya mitwe niwe wabaga ku Gisenyi kandi mbimubwira buri muni uko bimeze kuko yari inshuti yanjye: menya yarahindutse ageze i Kigali ahawe...

Ibi mbivugiyeye ko abo ku Gisenyi batangajwe no kumva amfunga kandi azi imikorere yanjye. Ababishinzwe muzabikurikirire hafi.

#### **Porokireri Nkubito Alufonsi-Mariya yatangaje abanyabwenge.**

*Nkubito ati:*

Uyu Ngeze mubona yashatse guteranya Abahutu n'Abatutsi. Ababwira ko u Rwanda rugiyeye guterwa kandi ngo Abatutsi basangira bamubwiye ko *Kangura* yababuruye ngo kubera iyo mpamvu ntibazaza muri marche de soutien yagombaga kuba tariki ya 30 Kamena 1990. Ubwo ngo yabibwiye ku wa gatanu. Nyamara namusabye ko yatanga amazina yabo yabyumvanye yanga kuyavuga ngo hato badafatwaga wenda n'imigambi yabo igakomeza gutahurwa. Ese babibwiye n'iki ko *Kangura* avugaga yasohotse ku cyumweru tariki ya 1 Nyakanga 1990. Kandi marche yarabaye ku wa gatandatu tariki ya 30 Kamena 1990? Namwe nimusesengure murasanga abo batutsi babimubwiye akaba yanga kubavuga harimo ikintu. Ese abo batutsi ni abakire cyangwa ni abakene? icyo kibazo porokireri niwe wagisubiza. Gusa yabagiriye neza kuko iyo abavugaga bari guhanirwa kutajya muri marche cyangwa se tugasanga *Kangura* yarabiciye imigambi yabo. Amaherezo bazamenyakanaga.

#### **Ngo nashatse guteranya amadini!**

Ese iyo mvugaga uruhare bamwe mu bapadiri bari kuzagira muri ibi bitero aho noneho sinari gucibwa umutwe? Nyamara ngo ntawisama yasandaye. Kuko niyemeje gutangaza mu minsi ya vuba ibitekerezo bizafasha Ingabo z'u Rwanda mu gutahura abanzi b'amahoro umubyeyi Yuvénali Habyarimana yatugejejeho, nk'uko niyemeje gufira igihugu nzemera mbavuge ariko mbizire. Aho kugirango hapfe abanyarwanda benshi nzemera mbitangirye mfe nnyenyine nkize u Rwanda rwambyaye. Abo nzavugaga muzambabarire, muba abategetsi ba gisilikare, abagisivire se, abaperefe se, abakungu. Mbese uwo anketi yanjye izafata kandi nkamubonera ibimenyetso simusiga nzamutangaza dore namwe mwaramfungishije muzi ko nzapfira muri gereza nyamara umunyarwanda yavuze ko umutego w'ikinyoma ushibuka nyirawo aghagaze.

Ntawe nzabeshyera kuko uwo nzajya ntangaza nk'uko nzaba mufitiye ibimenyetso, usibye ko ukuri gusigaye kubabuka hafi yo gushya nk'uko byangendekeye! Iyi nimeru nagira ngo

mbagczero ibyo M.R.N.D. yatugejejeho n'urwandiko nari nandikiye Kigeli washyirwaga imbere n'Inkotanyi. Ibi nkaba nari nabikoze kubera ko nabonaga iminsi yo kudutera yageze kandi abo mbibwira bakomeza kubirangarana dore ko hari n'imwe ibiro by'iperereza byafashe mu biro byanjye ubwo nari mfuzwe maze bakayigarura basanze nta mwuka mubi yatera. Nk'uko babyemereye mu rwandiko bandikiye urukiko.

Ese iyo bahera kuri ibyo ntibyagaragaza ko tugiye guterwa?

### **Ngeze Hassan, umuhanuzi w'umunyarwanda.**

Nkimara kumenya ko hakozwe amarangamuntu yanditseho mod. 4 asa n'ayacu ariko yo akazahabwa abazasigara batazicwa, aha ndavuga abari bategereje ubutegetsi bwa Fred-RWIGEMA n'Inkotanyi ze ubu zakubiswe incuro, nkimara kumenya ko mu Rwanda haba harinjiye intwari ku buryo bunyuranye n'amategeko, nkimara kumenya ko hari abantu benshi bazicwa barimo abategetsi, abanyabwenge n'abacuruzi bari ku ruhanda rwa HABYARIMANA; nkimara kumenya amabanga menshi y'abazadutera, maze kubona ko ibyo mvuga byanga bigasuzugurwa niyemeje gupfa nyenyine maze abanyarwanda bakarokoka.

### **Muti ese wakijije Abanyarwanda ute?**

Ibyo byose maze kubimenya nashatse kubitangaza kugirango ibyitso byose bizafatwe rugikubita. Maze imigambi y'Inkotanyi ibe iburiyemo. N'ubwo bitabaye uko nabishakaga byose ariko nagerageje kubwira abanyarwanda ko baryamira amajanja maze bituma bamwe mu bakungu bagira ubwoba. Bakirirwa mu biro byanjye ngo mbababarire ndeke kubatangaza ngo bampe amafaranga. Hari n'uware wemeye gusinya sheki ya 20.000.000 Frw ngo mubabarire ndeke kuvuga ko akorana n'Inkotanyi. Byatumye abari gutera bacika intege kuko babonaga ibyaho Kangura yarabishyize ahagaragara ku buryo imigambi yabo yose twayitesheje umurongo. Abari gupfa mu ijoro ryo kuwa 4 n'uwa 5 Ukwakira 1990 bakize ndetse ngo haba hari n'abataye intwari zabo muri za w.c. kuko ibyo byitso byari bitangiye gukeka ko bishoboka gusakwa. Ng'uko uko nitangiye abatuye u Rwanda, ngatabwa muri yombi na porokireri Nzanzuwera

Faransisiko porokireri wa parike ya Kigali na Hitimana Antoni wagororowe kuba porokireri ku Gisenyi. Nkaza gukizwa n'ubutabera nk'uko nzabihagezaho mu nimeru y'ubutaha.

Yewe mvuze ibyo nzi byose cyangwa nameneye muri gereza ya Kigali imitima yahagarara. Muri iyi nyandiko nagirango mumenye ko amasengesho mwansabiye yageze kuri Nyagasani maze mukongera kumbona hanze.

### **U Rwanda rwaratsinze.**

Intambara ikimara gutangira nagiyeye kumva numva ngo Majoro Mutambuka yatawe muri yombi maze numva ko na bamwe mu byitso byafashwe. Ibindi kubera ubwoba ngo byatorotse. Nahise niruhutsa ngo ahuuuu!! Kuko nabonaga ko u Rwanda rutsinze kuko bamwe mu bari kuyobora igitero cyo mu muji bari batawe muri yombi. Ubwo bahise bafunga umukomanda w'inzobe ntibuka izina rye ngo wakoraga kuri E.S.M. maze si ukurondogora amarayo amabanga y'Inkotanyi yose.

Ntacyanshimishije nko kumva ko nawe yatewe ubwoba na Kangura mu ivuka ryayo. Abari muri gereza ya Kigali muramwibuka ubwo yatubwiraga uko byagenze aho twari muri Texas dorotwari ya 3; wa mukomanda w'inzobe ufite ibihara mu maso.

### **Abafunzwe hazanye icyizere cy'uko batazamaramo iminsi irenze cumi n'itanu.**

Mu bafashwe bese mbere y'itariki ya 5 kugeza kuya 10 Ukwakira 1990 wabonaga ko bizeye kuzarekurwa ku ngufu z'Inkotanyi kuko bamwe mu bafashwe bari bazi ko byanze bikunze inkotanyi zizatsinda. Nyamara siko byagenze kuko Ingabo z'u Rwanda ziyobowe n'umugaba wazo afashijwe n'abaturage hindahemuka, bakubise inshuro izo nyangarwanda ziyise Inkotanyi. Ibyo bifuzaga barabibuze nk'ababuze ifungwa ryanjye. Allah akbar, Dieu est grand; Imana niyo nkuru!!

Twatsinze intambara y'ibara rimwe ariko hasigaye iz'amabara atatu.

Mu byo umwanzi yaje yitwaza yashakaga ko dusubiranamo maze abahutu bagafata impanga bagatema abatutsi. N'abatutsi bagafata imbunda bakarasa abahutu mbese amoko agasubiranamo maze muri icyo gihe agahuta atwinjirana kuko Ingabo zari zihanganye n'umwanzi uteye aturutse

hanze byari kuzigora gukiranura amoko yasubiranyemo. Abaturage rero murabe maso umutwe w'umwanzi mwarawumeneye mumushyikiriza ubutegetsi ntimukifuze kumena amaraso y'abaziranenge kuko ntawazira ubwoko bwe cyangwa idini rye.

Twese twaravutse dukurikiza ubwoko ba data bavukanye. Iyo yari intambara ya kabiri umwanzi yifuza gushoza. Turebe intambara ya gatatu. Ibyitso byasigaye birifuzaga gufungisha abasigaye maze bikayobya uburari. Aha rero abafunga mujye mubanza kureba no gushishoza mu buryo bwose bushoboka. Kandi no gufungura abafashwe nabwo hajye habamo ubwitonzi kuko hari ubwo mwakwibeshya mukarekura inkotanyi ikomeye. Iyo yari intambara ya gatatu turebe rero iya kane.

Umwanzu ku rugamba yaratsinzwe ariko ntibyashiriyeho aho kuko yazanye amayeri nk'ay'inzoka, niba atsinzwe ku rugamba kuko agaragara sinzi ko azatsindwa no mu bikorwa by'iterabwoba kuko ubu hagombye kujya haboncka ukuntu amazu yose y'ubutegetsi yajya arindwa. Aba G.D. bagomba kongerwa n'abarangije umurimo wa gisirikare bagahabwa uwo kuba polisi wa komini. Kandi gusuzugurwa abasilikare bigashirana n'intambara. Umusilikare cyangwa undi wese ushinze umutekano n'abaturage akabona icyubahiro kimukwiye aho ageze hose. N'umushahara ukuyongera.

### **Hamud Hassan Umuyobozi wa SOBOLIRWA yaraburiwe.**

Mbere y'uko intambara nyizambya (dore ko ari nanjye wabanje kuyishegesha nyitangaza maze ngatera inkotanyi n'ibyitso byazo ubwoba), hari umusore wari muri cya gitero cyagombaga kwica abakungu n'abanyabwenge ubu wafashwe akaba ari muri gereza ya Kigali. Uwo musore yaje agira Hamudu inama yo kwitorokera ngo atazafatwa akicwa mu bo bashyize kuri lisiti. Ubwo Hamudu yagize ubwoba amubaza ko yifuza amafaranga nk'uko abatekamuwe bo mu muji bakunze kubigenza, umusore arahakana avuga ko ayo impunzi zimuha ahagije ko ahubwo uwo ari ukumugira inama gusa. Ubwo Hamudu yaje kwiyambaza inzego z'iperereza za gisirikare maze zimuta muri yombi. Ibyo yavuze simbizi ubwo bizwi n'abamubajije usibye ko iyo akurikiranwa yari kuvuga iby'igitero cyamukurikiye nyuma y'iminsi itarenze 20. Ni amayobera.



Yewe nkomeje kwandika imitima yahagarara ahubwo reka ngire inama leta maze tuzongere duhure muri uko byagenze ya *Kangura* y'ubutaha. Yewe igihugu cyacu bari bacyibye nkaho tudahari di!!!

Mbega imihanda myiza bari batwaye bataruhiye we!

Mbega ikibuga cy'indege cyacu bari batwaye weee!

Mbega ingoro y'Abadepite yuzuye vuba iteye n'ubwuzi bari batwaye wee! Mbega sitade Amahoro bari batwambuye.

Dore ibyiza byose batakakaga ko twazageraho bari batwaye bataruhiye; byinshi. Yewe igihugu cyacu bari bagiye kwiha ku ngufu cyari kuzatubabaza ubuzima bwacu bwose, usibye ko twari kuzarwana kandi tuzemera turwane kugeza ku munyarwanda w'inyanga-mugayo wa nyuma. Aho kwemera gusubira mu buja nk'ubwabayeho mbere ya 1959. Yewe nabo muri kaminuza ngo ahubwo bazemera bareke amasomo bafate intwari bajye ku rugamba kurwanira igihugu cyacu.

None rero ba serire namwe ba konseye mube maso. Buri muserire nahabwe igitabo yandikemo abatuye serire bese. Aho bakomoka, uko baje, ikibagenda, igihe bazagenda n'icyo bakora. Ntihagire umuturage uzongera gucumbikira umuntu naho yaba ari se atabanje kubinyuza kwa serire cyangwa kwa konseye. Kandi rimwe mu kwezi mujye mukora inama ya segiteri mwerckane abantu bashya baje muri serire yanyu, abaturage bese ba segiteri bamenyane bivuye muri serire, segiteri na komini. Bityo bariya bantu ngiye gutangaza ko bahawe irangamuntu badakwiye ayo manama azaze barazitaye.

Aha muranyumve neza ntimukamere nka burugumesitiri wa komini Kamembe Mubirigi wazambije abaturage abima ibyangombwa kandi nta mpamvu n'imwe agaragaza ituma adutanga amarangamuntu. Abashinzwe umutekano ngirango mujya muhura n'ikibazo cyo gusoma irangamuntu z'abaturuka i Kamembe. Ntimukabarenganye. Burugumesitiri wabo ntabwo ajya atanga ibyangombwa kereka uri mwene wabo na minisitiri runaka...

Ngo ajya anavuga ko azakurwaho n'urupfu. Yewe niba ari byo koko wenda na we arashaka cyangwa arifuza kuzafata intwari agafatanyaga n'ingabo z'u Rwanda mu guhashya inyanga-rwanda mu Mutara. Naho ubundi

ibyamuvuzweho nari mbitegereje muri sondaje Cyangugu muzabona vuba aha. Yewe ca inkoni izamba wibagirwe ibyakuvuzweho ku myubakire y'isoko rya Kamembe. Suhuza abakungirije n'aho wungirije ubabwire ko ibyavugwaga ku majyambere ya Cyangugu twabaye tubyihoreye. Turabashima cyane uko murinda umutekano w'abamilita n'abamilitante mukomereze aho mufatanye n'abamilita umwanzi abure aho amenera.

### **Ubutegetsu muri perefegitura ya Gisenyi bukwiye kuvugururwa.**

Sinarangiza uko byagenze ndashimye Perefere wa Gisenyi watumye superefe utarakundwaga n'abatuye ku Gisenyi kubera udutotsi twavutse ku muhanda Gisenyi-Bratirwa yimurirwa ahandi. Twizere ko azisubiraho. Bimwe byandikwaga mu *Mvaho*, usibye ko n'amashyamba y'abaturage ari kuri Rubavu nayo byari bihagije ngo yimurirwe ahandi cyangwa... Yewe ibya Minani uwabivugaga ntiyabona aho abikwiza ahubwo reka nshime Perefere wa Gisenyi ubutwari yagize mu gusaba ko diregiteri w'ibitaro bya Gisenyi nawe ahindurwa kuko imitegekere ye yari igiye gutuma bamwe muri twe, nabo bakorana...

Nabyo reka noye kubitindaho kuko na Minisitiri w'ubuvuzi yambwiye ko azagira icyo abikoraho ubwo hari mu kwa karindwi mu matariki ya mbere. Reka nongere nshime perefere mu guha Ngarambe mitasiyo (mutation) kuko umujyi wa Gisenyi wari usigaye ubona ko nta kigenda rwose. Washimwe na benshi pe! Kandi abatuye ku Gisenyi bazakomeza kugufasha kurinda umutekano w'abatuye ku Gisenyi. Abaserire n'abaturage barara irondo bagaragaje ko nta nyangarwanda ishobora kuhinjirira cyangwa kuhasohokera usibye ko nta byera ngo de! Ubu *Kangura* iri hafi gushyira ahagaragara iperereza ryakozwe na Gisenyi-Information ku byavuzwe kandi bikivugwa kuri burugumesitiri mushya Rubavu yabonye. Ibimuvugwaho turacyakurikira ngo turebe niba bifite ishingiro maze ibintu bikosorwe inzira zikigendwa. Perefere komera turagushyigikiye mu myaka yose tumaranye. Twaragushimye mu gukosora ibibabaje abaturage. *Kangura* nayo izagufasha mu kukwerekana ahari agatotsi no mu

gushima ibyiza byagezweho. Bwira burugumesitiri ko amategeko atemera ko yitwarira imodoka. Imodoka ni iya komini ni ukuvuga ko igomba gutwarwa na shoferi wa komini gusa kuko ari cyo ahemberwa. Nta mutegetsi wemerewe gutwara imodoka keretse iyo abifitiye uruhushya rwihariye rwa Minisitiri w'amaposa no gutumanaho. Imirimo ya komini ngo nta kigenda hagati ye na ba konseye. Ngo we n'abakozi harimo igitotsi kinini. Bimwe muri ibyo nibyo tuzashyira ahagaragara ubutaha usibye ko ibyo gutwara imodoka byo yagombye kubyibagirwa. Naho ubundi bariya bantu bahawe amarangamuntu ya forode uburyo bayabonye twarabumenyeye usibye ko kuyasubiza byo bigoye. Tuzabibona ubutaha. Yewe mbavunguririyeho bicye mu byo nzababwira ubutaha. icyangombwa kwari uko mwamenya ko nafunzwe. Ibyo narezwe n' uko nireguye, n'uko urubanza rwakijijwe muzabimenya ubutaha. Urugamba ruracyari rurerure, icyo niyemeje ni ugufatanyaga n'ingabo z'igihugu mu kuzitungira agatoki inyanga-rwanda zitwihishemo nkoresheje *Kangura* usibye ko uwaba hari icyo azi cyangwa ashaka kutwibutsa yatwandikira kuri Gisenyi-Information B.P. 1312 Kigali cyangwa 19 Gisenyi. *Kangura* ni iy'abanyarwanda bese bakunda ukuri si iy'abakiga nk'uko Hangimana yabivuze. Kandi iyo umukiga yakijije igihugu ntagomba gushimwa n'abakiga gusa. Ahubwo n'Abanyarwanda bese bagomba kumushima. Abanyabwenge dutegereje inama zanyu n'uko mwakiriye ifungwa n'ifungurwa ryacu. Mumbabarire kuri urwo rwandiko dutangaje turwitiriyeye Kigeli n'ubwo we yahakanye ko adafatanije n'Inkotanyi nyamara Ravi yarabimushinjije we na Kayitesi na Rwigara. Tuzabibona igihe tuzandika iby'urubanza rwa Ngeze Hassan. Ntibibatangaze rero kuko rédacteur en chef ashobora koherereza message umuntu runaka cyangwa agatsiko runaka abinyujije muri journal. Urugero bwana Bechir wa *Jeune Afrique* na Sadam...

Ni ah'ubutaha sinzabatenguha. Sinarangiza ntabasabye inyandiko zanyu zishyigikiye Umukuru w'igihugu n'ingabo zacu zahashyije umwanzi kandi twizeye ko zitazatezuka kuri uwo murava.

Turi kumwe n'ingabo zacu.

NGEZE Hassan.

## KA02 1089

### UGUTSINDA KW'INGABO

- |   |   |  |
|---|---|--|
| 1. Ngabo z'u Rwanda dukomere<br>Inyanga Rwanda twazikubise inshuro (2)<br>Zicuza icyazizanye (2)        | Yari yahize ngo azafata igihugu (2)<br>Twamurashye rugikubita (2)                                     | 10. Za Burende na Kajugujugu<br>Nizo zaduporoteje dukora assault (2)<br>Ba makasi tugera (2)         |
| 2. Zari zitwaje demokarasi<br>Nyamara zaje zirasa abaturage (2)<br>Zasanze tuyibarusha (2)              | 6. Kajeguhakwa gashakabuhake<br>Yari yizeye ko abonye abagaragu (2)<br>Niwe uzahakwa kugeza gupfa (2) | 11. Kagitumba aho mwumvaga<br>Twahageze tugenda gisirikari (2)<br>Turahataka turahafata (2)          |
| 3. Rwarambikanye rubura gica<br>Basanze ingabo z'u Rwanda dukomeye (2)<br>Basanze turi makasi (2)       | 7. Bari bavuze ko bafata Kigali<br>Abahungu tubarusha position (2)<br>Basanze twabateze (2)           | 12. Jenerali HABYARIMANA<br>Ingabo zawe turagushyigikiye (2)<br>Ukomere turi kumwe (2)               |
| 4. Kanyarengwe umugaragu w'inyenzi<br>Yari yahize ko azafata umutara (2)<br>Niwe wahunze rugikubita (2) | 8. Iryabega na Nyakayaga<br>Niho basanze twashinze ibirindiro (2)<br>Niho morale yabo yashiriye (2)   | 13. Banyarwanda Banyarwandakazi<br>Ntimugire ubwoba ingabo turahari (2)<br>Ntiduteze kubatenguha (2) |
| 5. Naho Rwigema chef w'inyenzi  | 9. I Matimba na Nyagatare<br>Bahise bahunga batareba inyuma (2)<br>Babonye ko birangiye (2)           |  |

## IMIGAMBI Y'INYENZI ZIYISE INKOTANYI N'IBYITSO BYAZO YARATAHUWE.

IKINYAMAKURU KANGURA  
B.P. 19 GISENYI Tél. : 40625

Kigali le 5 Nyakanga 1990

IMPAMVU: Kugira icyo tuvuga ku butumwa woherereje Abanyarwanda aho turi hose (Réf. : Ibaruwa yanyu yo kuwa 01 Ukuboza 1989).

Bwana KIGELI Jean Baptiste  
Ndahindurwa


B.P. 34608 NAIROBI - KENYA.

Bwana Kigeli,

Nkimara gusoma inzandiko zawe wagiye woherereza ku buryo bwa taragite (tracts) mu mpande zose z'isi, kubera ko zasaga n'izigenewe bumwe mu moko atatu atuye igihugu cyacu (ndavuga ubw'abatutsi) nanjye nihutiye kuzitangaza kugira ngo Abatwa, Abahutu, yewe n'abanyamahanga nabo bamenye ko utabibagiwe.

Icyakora n'abatutsi bakennye ntabwo ziriya taragite zajyaga zibageraho. Havuzwe byinshi ku buryo twaje no kumenya imigambi yawe yose, twamenye ibyitso byawe hiri mu Rwanda, twabonye amafoto n'inzandiko bigaragaza abagutera inkunga, mbese muri make, ibitekerezo byawe n'ibyegeza byawe byose turabizi.

Kigeli, wavuye mu Rwanda hafi ya 75% by'abarutuye ubu tutaravuka. Aho mungana bavuga ko ugenda wasize uvuze ko nta mvura izongera kugwa i Rwanda, ko nta nka izongera gukamwa (uwakugeza muri Gishwati!). Mbese muri make, ibyo wagiye utekereza siko byagenze. Wigeze ukuka se ko mu Rwanda umuhutu yarongora umututsikazi? Usibye ko umututsi



kurongora umuhutukazi byo bikirimo akabazo, kereka umututsi w'umukene. Nyamara ntawabura kwishimira ibyagezweho muri urwo rwego, n'abatarabigeraho nibazatinda kubona ko bibeshya.

Kigeli, wibuke ko wagiye ntawe ukwirukanye. Wongere wibuke amaraso yamenetse muri za 1959 kubera ko mwibeshye, nk'uko ubyivugira. Wibuke abanyarwanda bahaguye barimo ababyeyi n'abavandimwe h'abayoboke bawe. Wasize nta munyarwanda utunze 100.000 Frw, none abayoboke bawe ubu

ngo nibo bene amakashi. Ibyo rwose turabishima, duharanira icyateza umunyarwanda uwo ariwe wese imbere. Ni icyo M.R.N.D. yacu yifuza. Ese aho wifuzaga ko yabaho? Yabayeho rero, bimwe mu byo vagezeho ubisoma mu binyamakuru byacu. Ariko rero Kigeli muvandimwe, reka nkwararize ibibazo bigeze kuri bitanu, nizeye ko utazatinya kumubaza.

1) Ngo urifuza gutegeka u Rwanda. Kigeli uzi ko abakwifuzaga mu Rwanda ari bangaha? Ese uramutse urutegetse ni iki wahindura ku biriho

mu Rwanda? Ni iyihe shusho waha amoko yacu uko ari atatu? Wakora iki se cyane cyane Mbonvumutwa, Kayibanda, na Habyarimana?

- 2) Ese waba uzi neza uko abanyarwanda bangana muri aya mwaka wa 1990? Uzi uko u Rwanda rungana ukamenya umubare wabanyarwanda kuri buri km<sup>2</sup>? Kigeit ibyo uvuga kwaza gukorwa bigatanzu Rwanda imbere mudakozwe isuku, nibatumenereho ibanga?
- 3) Tugarutse ku masezerano yabereye mu Budage mbere ya 1960, ubwo abaturanyi bagabagabanaga ibihugu bya Afurika, ese ko mbona umaze kuba umuhanga mu byerekeye amatwika, wasabye O.N.U. ibiyo ntara zacu twambuwe tukazigarurirwa, wenda ukazitegeka niba ufite ubushobozi n'inyota yo gutegeka? Ubwo wavukanye usaro, ndakemuka ko byakworohera kuko na n'ubuho izo ntara zitwewe n'abanyarwanda kandi bavuye ikinyarwanda wenda wabigishuho kudahingira! Ariko se ko mbona uagenda usaza, ukaba umunywa ko wanze kurongora umagaruka i Rwanda, ni uwuhe mupaka wanyuzeho bakanga kugukingira? Sinzi n'abakwiza impuhango fiyanswe wawe yibera ku Kicukiro ngo nawe ariko imyaka imugeze habi, arashaje ngo ariko yanze kuva ku izima aracyagutegeje. Niba inkuru ari impamo sinakubeshya.
- 4) Tugarutse ku bivugwa ngo waba ufite ibitero uteganyaga kuwaha mu

Rwanda. Sinanze ko umututsi, umutwa cyangwa se umuhutu yategeka, icyakora uwategeka uwo ariwe wese, akwiye kumenya ko hari ibishoboka n'ibidashoboka. None se ko demokarasi wahunze yatumenye roje ko buri muntu yategeka binyuze mu matora, wowe wiyamamaye urabona watorwa n'abanyarwanda bangana kw'izina? Ngo uzinjira mu Rwanda ukoresheje igitero, niba ari byo koko niye ukugibye imama wakwirerereye. Umva ibyitso byawe aho biri hose harazwi, imfashanyo biguha n'aho bizinzwe harazwi. Ese abanyarwanda b'inyangamugayo nibumva ko washoje icyo gitero, aho hari n'umuyoboke wawe n'umwe uzasanyu muri iki gihugu? Mbe Kigeli ko ushaka kububakira umbeho kandi hari umereye neza! Aho bakohereza imfashanyo ahubwo bagombwe kubwitonzamo, keretse nibumva ko ugwe kuza bakaza kugusanganira no kugutera inkunga, twababwirira iki amarembo arugariye! Ariko se muramuka uneshejwe n'ingabo zacu, dore ko uzi ko zitoshye, ubwo urumva ikibazo uzaba uweye hagarira amoko yo mu Rwanda?

- 5) Ngo waba warababapwe n'uko navuze ibinyamakuru byawe bigutashya (Impuruzi, Inteko, Inkotanyi, Munyarwanda, n'ibindi bituramunyu). Ubu buwe wugize ubutwari budasanzwe, wowe n'ibyegeye byawe ubwo mutamye ikinyamakuru cyanyu KANGUKA ubundi cyandikirwaga i Kigali none

ubu kikaba gicapirwa aho muri Kenya. Nkivuye ko KANGUKA ikorana n'abatishimiye ubutegetsi buriko mu Rwanda, abantu hamwe baravuze ngo ndasebanyaga, ngo ni ukubera ko nayikozemo nyuma ngatandukana nayo. Ndagira ngo noneho mbahe ikimenyetso simusiga: KANGUKA ikimara kubona ko imigambi yayo yatahuwe, abayishyigikiye bo mu Rwanda no mu mahanga bayiteye inkunga yimukira i Nairobi muri Kenya. Ubu numero yayo ya 42 izabageraho byavuye icyo. Murumuna rero ko KANGUKA yarenze urwego rwo kugenzurwa (censure), ndetse imishingano zayo yazigezeho, kuko imyandikirwaga zose zibonye aho zizajya zanyuzwa ibitekerezo byazo.

Ubu nyine Kanguka ibonye uburyo bwo kwamamaza ku isi hose ibike byaba bitagenda neza mu gihugu (dore ko utaho bitaba) bakirengagiza ibyishyamba bitagenda neza, maze nk'uwifuzaga gushora imari ye mu Rwanda bimubere urufiye. Kanguka izaba igeze ku ntego yayo.

Ngaho ubane n'iyakugejeje aho.

Ikiyamakuru KANGUKA.

N.B.: Ntibibatangaza kuba tubagejejeho icyo baruwa nyuma y'amezi 4. Ni uko yavuzwe cyane mu rubanza rwacu. Kandi tukaba twaragombaga kuyisohora muri KANGUKA yagombaga kuvugira ibyitso by'Inkotanyi biba mu Rwanda. Iyi baruwa nayiteguye kubera ko nabonye ubutegetsi bukomeza kurangara budafata abo nabutungiraga agatoki.

## HABYARIMANA URAKUNZWE KOKO.

### Tumaze imyaka cumi n'itanu muri M.R.N.D.

«Twitegereje neza ingorane ziri mu bihugu by'isi muri iki gihe, tutaretse kandi ibyo u Rwanda dutatezeho kugira ngo turuteze imbere hamwe n'abarutuye, kuko ariho ubwabo bagomba kurugeza ku majyambere nyakuri, twiyemeje gushyiraho Muvoma Revolisiyoneri (Mouvement Révolutionnaire) y'Abanyarwanda bose, iharanira kuzamura amajyambere y'igihugu. Ifite amatwara yo kuvugurura ibyariho ku buryo butunganirye abaturarwanda, igakoranya imbaga zabo zose, idahesha,

kandi uvangura ari ibisina, ari amadini, ari amoko, ari imyuga, ari n'imbereho ya buri muntu»

Ayo ni amagambo yavuzwe na Nyakubahwa Jenerali Majoro HABYARIMANA Yuzenali ku itariki ya 5 Nyakanga 1975 ubwo yashyiragaho Muvoma Revolisiyoneri Iharanira Amajyambere y'u Rwanda. Imyaka cumi n'itanu itashize. Buri munyarwanda wese ukunda igihugu cyacu yari akwiye gusubiza amaso inyuma akatubona intambwe icyo Muvoma imaze gutera, agashyamba ibyagezweho, haba hari ibitaragezweho uko yabishakaga agatatanwa n'abandi bakareba uko byagerwaho. Mu gihe twitegurira

gubimbaza imyaka cumi n'itanu ya Muvoma imaze ishinze, reka nanjye muri iyi nyandiko nshyireho akanyje n'ivuye uko nayibonye.

### Amavu n'amavuko ya Muvoma

Iyo Muvoma yavutse ku itariki ya 5 Nyakanga 1975 hashize imyaka ibiri gusa HABYARIMANA atuzaniye amahoro n'ubumwe yatugejejeho ku itariki ya 5 Nyakanga 1973.

Uwo muni w'ivuka rya Muvoma wari wariteguye bidasanzwe kuko hari hashize nk'ukwezi ndetse kuranga, hariya kuri sitade rejiyonali (stade régional) ya Kigali hitorezwa umukino



**KA02 1091**

udasanzwe witwa « Mouvement d'Ensemble » wari uhuriye hamwe abanyeshuri b'ingeri zose z'umuji wa Kigali, n'abo mu makomini awukikije. Ingabo z'Igihugu ndetse n'andi makipe yari yaturutse mu mpande zose z'u Rwanda.

Hagati muri uwo mwidagaduro wari uhuje abanyarwanda b'ingeri nyinshi, niho Jenerali Majoro HABYARIMANA Yuvonali yatangaje Manifeste ya Muvoma Revolisiyoneri Iharanira Amajyambere y'u Rwanda, imbere y'imbaga nyamwinshi y'abanyarwanda n'abanyamahanga baturutse impande zose z'u Rwanda no mu mahanga.

Perezida HABYARIMANA yakomeje agira ati: « *Turemeza rwose ko tutagera ku majyambere n'ubukungu bw'Igihugu mu myirvane n'inzangano mu banyarwanda. Amahoro n'ubumwe bw'Igihugu nibyo bizatubera inkingi y'ibikorwa byacu byose. Niyo mpamvu duciye burundu icyatanyu abaturarwanda cyangwa se kigashaka gusumbanya ubwoko, cyangwa se umuryango, akarere n'amadini.* »

Ubuho impundu n'amashyi biba urufaya, ingoma ziranihira natwe aho turi dukoma amashyi tuvuga tuti: « ya mahoro n'ubumwe yatuzanyije muri 1973 bigiye gushinga imizi pe! ».

Igihe tugikurikira iryo tangazwa rya Manifeste na Statuts za Muvoma Revolisiyoneri Iharanira Amajyambere y'u Rwanda, umugabo w'indondogozi n'indangare twari kumwe wari utari wibagirwa politiki ishaje ati: « Ariko numvise bavuze ngo M.D.R.? » Tuti: « Uragatsindwa, uko bakuvuze niko uri koko! ». Baravuze ngo: « M.R.N.D.: Mouvement Révolutionnaire National pour le Développement ». Tuti: « Ubuho HABYARIMANA yasesaga inzego za parti kuwa 5 Nyakanga 1973 wari he? Ko avuze ko Amahoro n'Ubumwe ari byo bizaranga Muvoma ibyo wowe uzi ko hari ibyari bikirangwa muri MDR Parmehutu? ».

Uwo mugabo yarandangaje bituma nsubiza amaso inyuma gato. Nibuka ukuntu mbera ya 1973 navaga hano i Kigali njya i Butare nkarenga bariyeri zitabaze bambaza za laissez-passer, nibuka ko nigeze gusaba urwandiko rw'inzira ngo nje gusura bene wacu basuhukiye muri Uganda, i Burundi na Zaïre bati kizazira, nibuka amalisisiti y'abantu twabyukaga tugasanga amanitse ku nzugi ngo abo ntibagomba gukora akazi cyangwa kwiga, nibuka ko

umuntu yavaga mu maperefegitura yo mu majyaruguru y'Igihugu yajya mu majyepfo akagenda yikandagira ngo ntazavayo. n'uwo mu majyepfo yajya mu majyaruguru bikaba uko. n'ibindi n'ibindi... Nitegereza HABYARIMANA nibuka aho hose yadukuye none akaba ari kudutangariza ku mugaragaro ko ashyizeho Muvoma ibumbye abanyarwanda bose, numva ikintu kimeze nk'ikiniga kiramfashe, nti: « *HABYARIMANA. Imana yakuduhaye izakurambishe muri twe ingoma igihumbi.* ».

Ijambo ry'Umukuru w'Igihugu ryashojwe n'amashyi n'impundu by'urufaya bivanze n'umurishyo w'ingoma maze turongera twirebera wa mukino utagira uko usa wa Muvoma d'ensemble ugomba kuba wari warateguriye iryo shingwa rya Muvoma Revolisiyoneri Iharanira Amajyambere y'u Rwanda. Ibyo birori by'uwo muni byashojwe no kwica akanyota muri Hoteli y'uwa gatanu Nyakanga, aho umunyarwanda wese washoboye kuhagera atigeze ahezwa, dore ko n'umukanda icyo gihe wari utaraza kuko ubukungu bw'isi bwari bucyifashe neza.

### **Inshingano za Muvoma.**

Abari batarasobanukirwa neza n'ibiyabaye bakomeje kwibaza bati: « Ko twari dufite Komite y'Ubumwe n'Amahoro, tukaba dukora umuganda, ibyo bindi bije bite? ».

Twese twaje gusobanukirwa kuko Radiyo Rwanda yatunyurizagamo mu ijamba ryayo ry'ibanze agace k'ijamba ry'Umukuru w'Igihugu aho yagiraga ati: « *Mu by'ukuri, icyo Muvoma tuyitezeho iki? Ni ukurandura ibisigisigi by'inzangano, no kurwanya guca uduce mu bantu, nk'uko byakunze kuboneka kuva kera hagati y'amoko y'u Rwanda uko ari atatu, no hagati y'uturere tw'Igihugu.* ».

*Gufatanyu imbaraga z'Igihugu zose kugirango turwanve ibidindiza amajyambere byose, ari mu bujijuke, cyangwa se ari mu mibereho y'abaturarwanda no mu bukungu.*

— *Guca no kuzimangatanyu burundu, mu muco wa kinyarwanda ibisigisigi bya gihake nk'umuco wo guhakwa, ubutiliganya no kwironda mu moko bidindiza amajyambere y'Igihugu.*

— *Guhagurutsa abaturarwanda bose, tukabakungura kandi tukabinjizamo*

*ko ariho bagomba kwizamurira Igihugu cyabo.*

— *Gusezerera burundu bwa buryo bwahozeho bwemereraga umuntu kunyunyuza imitsi y'undi.*

*Kurwanya byimazeyo ubunembwe, ububandi, kurya iby'ubusa, kugundira by'amoko, uturere n'amadini.*

Ab'inkwakuzi twabifashe mu mutwe, (n'ubu ntimugire ngo nabyanditse mbisoma) imvugo iba ingiro, none imyaka cumi n'itanu irashize twibumbiye muri Muvoma abazi gusiga bise « Ubwato buzatwambutsa inyanja yubukene ». Simbarambire, mumbabwirire nisanzure mbabwire muri bimwe mbona twagezeho tubikesha icyo Muvoma. Gusa ndibanda cyane ku mahoro n'ubumwe kuko abenshi dukunze kwivugira amajyambere kuko aba ariyo tubona mu bintu bifatika.

### **Amahoro n'ubumwe byashinze imizi mu Rwanda**

Abasheshe akanguhe turibuka ko ntawashoboraga kuva hano i Kigali ngo aje mu yindi perefegitura nta laissez-passer kabone niyo wabaga waplushije umubyeyi cyangwa umuvandimwe byagufataga nibura iminsi ibiri uwo wagombaga gutabara ntube ukimutabaye. Abanyeshuri bo mu mashuri yisumbuye nabo byari uko. Ba diregiteri babo bagombaga gukora lisiti zabo bakajya kubashakira za laissez-passer ngo babone uko bataha iwabo mu biruhuko. Gushaka kujya mu mahanga ho byari nk'icyaha. Aha ndibuka abasore twiganaga muri za 1970 abagiraneza b'abihaye Imana babaha bourse yo kujya kwiga, ubutegetsi bwa MDR Parmehutu buranga ngo aha abana bacu batazata umuco! Ntawakwihandagaza ngo avuge ko ari ubujiji bwariho icyo gihe kuko n'ubundi hari abanyarwanda bake bigaga mu mahanga icyo gihe. Ndashyamba ko bazize impavu za politiki!

Ubu aho Umubyeyi w'Igihugu atubumbiye hamwe muri Muvoma, umuntu arishyira akizana, agatemberera uwo ashaka ntacyo yikanga. Urashaka kujya mu bihugu bidukikije ukanyarukira kuri komini burugumesitiri akaguhanga urwandiko rw'inzira ahasigaye nakubwira iki? Ukajya aho ushaka ukurikije uko umufuka wawe ubikwemerera. Mu migabane yose y'isi

ntaho umunyarwanda agihejwe, uranyarukira kuri perefegitura bakaguha urwandiko rw'inzira rwabigenewe utagombye gukubita amaguru ngo uraza i Kigali, ahasigaye ukarwana n'itike ya rutema ikirere. Ibyo byose tubikesha amahoro n'ubumwe twazaniwe na Muvoma yacu.

Kera wabaga uvuka i Bugoyi cyangwa se mu kandi karere k'iyi ruguru wagira ngo ukunze umukobwa wo muri Nyaruguru cyangwa se mu kandi gace ko mu majyepfo, ababycyi bo mu mpande zombi bagasara bagasizora. Abaruguru bati «sigaho ukomora ishyano, uwo munyanduga umukobwa he?» Uwo muri Nyaruguru akaba yiswe umunyanduga. Iwabo w'umukobwa nabo bati «uwo mukiga ntimuzashobokana, mwihorere wenda uzagumirwe, tuzagukamira ay'indushyi!»

Mu bazi gutanga urwenya hari uwigeze kutubwira ko muri za 1972 hari umukobwa bakoranaga wabonye imyaka igenda imusiga arihanukira ati: «*Rwose mbure umugabo, mbure n'igikiga!*» Nawe nyumvira! Iyo HABYARIMANA atahagoboka, ibyo byari kuzatugeza he?

Hagati y'umuhutu n'umututsi nabyo byari uko, nta rukundo rwagombaga kuba hagati y'umusore n'inkumi bo muri ayo moko batyahujwe, iyo twibeshyaga rugashaka kuvuka harwicaga rutari rwagera ahagaragara. Rwaba rugeze ahagaragara babyitaga amahano ugasanga abantu banyana inzara ngo kanaka yarongoye umututsikazi, ngo nyirakanaka yemeye kujya mu bahutu! Ukagira ngo ni ishyano ryaguye. Kuri ubu kuva Umubyeyi w'Igihugu atubumbiye hamwe muri Muvoma, ibyitwaga amahano byabaye ubusabane!

Si mu moko n'uturere gusa wasangaga ivangura, no mu madini ryarimo kandi yose yigisha Imana imwe! Watahaga ubukwe bw'Umudivantisiti Padiri akagufungira amasakaramentu. Umuyisilamu yakandagiraga mu Kiliziya aherekeje uwashyinyiwe cyangwa se umuvandimwe witabye Imana, ngo Kiliziya yahumanye. Umunyagatolika yajya mu mihango y'irindi dini, bati «uriya asenga ibishushanyo nimumwirukane». Umwana yajya kwiga mu ishuri ry'indini ritari irye ngo kugira ngo ashobore gukurikira amashuri hano iwacu nabanze ahindure, n'ibindi, n'ibindi. Rwose ibyo byari kuzatugeza he?

Kuva Muvoma yatubumbira hamwe izo nzangano zaracitse. Amoko yose

n'uturere twose tw'Igihugu ndetse n'amadini birashyiringirana. Hari uwaketse ko Umuyisilamu cyangwa Umudivantisiti bamushyiringira Umugatolika cyangwa Umuporoso... Ntawe ukizira ubwoko bwe, idini cyangwa se akarere, uturere tw'Igihugu twose turahahirana, umuntu asigaye aya gukora mu yindi perefegitura ntacyo yishisha, inzego z'ubutegetsi zarasaranganyijwe, uturere twose n'amoko yose n'ibindi, n'ibindi.

### **Kutaniganwa ijambo**

Ni nde wari gutekereza kuvuga ijambo «demokarasi» abantu bari kuryana? Cyangwa se ngo yibandagaze avuye ngo araharanira uburenganzira bw'itangazamakuru?

Aho Muvoma iziye twitoroye Itegeko-Nshinga, Umukuru w'Igihugu n'Abadepite, incuro eshatu zose, twitoroye Abakonseye, Abaselire n'abandi bo mu nzego zinyuranye za politiki kandi umuturage yagiye ahabwa ijambo mu manama menshi ngo atange igitekerezo cye ku mitegekere y'Igihugu cye. Ibyo mbere ya 1975 ntawabitekereje kuko amategeko yagombaga uko hejuru abaturage bakayakurikiza uko bayahawe, yaba agoramyeye, yaba atagoramyeye.

Ibyo byo kutaniganwa ijambo bigendana n'uko itangazamakuru ryahawe umwanya ukomeye mu mizamukire y'Igihugu cyacu. Ibyo bikaba bigaragazwa n'uko mu minsi ishize, twiyicariye ku karahuri ka Mützig na bagenzi banjye twashoboye kubarura ibinyamakuru bigera kuri 40 byandikirwa mu Rwanda. Nyamara mbere ya 1975 twari tuzi *Imvaho*, *Kinyamateka* na *Hobe* gusa! Abategetsi benshi nabo bitabiriye kudakorera mu bwiru bakajya bagaragaza ibyo bakora byose ntibiyitwe amahanga yakazi.

Uburenganzira bw'ikiremwa-muntu bwahawe umwanya w'ibanze ibyo bikaba bigaragazwa n'Impeta y'ishimwe Umukuru w'Igihugu cyacu amaze kubihirwa n'ibihugu by'i Burayi yitwa «*Médaille de l'Excellence Européenne*». Iyo mpeta kandi koko arayikwiye. Ni nde utubuka umunyururu wa mbere ya 1975? Kubona umuntu yitiranwa n'ikintu? Ngirango twese tutirengagije tuzi umunyururu icyo umara! Mu kinyarwanda se hari harabuze ijambo ryiza ryavugaga umuntu uri mu gihano aho kumwitiranya n'ikintu?

Uwashaka kumenya uko ikiremwa-muntu cyahawe agaciro yakwegera

abagororwa bakamubwira ukuntu mbere y'uko Muvoma ituzanira amahoro n'ubumwe buri mutegetsi wese yari afite uburenganzira bwo gufunga, yamara kugata mu buroko akigendera waba nyir'Imana nke ukazagwamo utanabajijwe! Bakubwira akuruta cyaziraga ko umugororwa agera ku kazuba, yandikira umuryango we, ngo abc yasurwa cyangwa se ngo avurwe.

Tudatinze ku bagororwa turibuka ko iyo baguhamagaraga kuri komini, kuri parike cyangwa se muri sirote, niyo wabaga ugiye kuba umugabo w'ibye waba warabonye, wagenda waraze kuko wabaga uzi ko mbere yo kugira icyo bakubaza bakubanza ndembo kugira ngo usubize uko bashaka! Waba uyitinye ugahitamo gufata ijya amahanga kandi nta cyaha urangwaho.

Ikindi tutakwibagirwa mu rwego rw'ubumwe n'amahoro ni uko ubutegetsi bwegerereye abaturage. Mbere y'ishingwa rya MRND umuntu yaraguhohoteraga ukagomba kujya kuri Komini wenda ugasanga burugumesitiri ntahiri cyangwa yibereye mu yindi mirimo idatwaga akwakira. Ugakubirana ugataha. Ubu umuturanyi araguhohotera ukanyarukira kwa selire, ikibazo cyamunanira ukajya kwa konseye ukazaba ujya mu nkiko ari uko byananiranye koko!

Gutanga ikirego muri kantu nacyo cyari ikindi kibazo kuko hari ubwo kantu yabaga iri mu yindi komini itari iyo utuyemo, kujurira wagombaga kujya kuri perefegitura none ingereko z'inkiko za mbere z'iremezo zagejewe mu ma superefegitura, ari naho dusigaye tubariza ibibazo twajyanaga kwa peref. Hari ibyiza byaruta ibyo?

### **Umuganda na Anima-siyo**

Mu byiza Muvoma yatugejejeho navuga nanone umuganda n'Animasiyo. Umuganda ugitangira abenshi bawitiranyije n'uburetwa na shiku byo ku ngoma ya gihake na gikoronize. Ndetse abenshi wabanje kubatonda ku buryo butangaje. Bamwe bati twari tuzi ko twize za kaminuza dutandukanye n'isuka none iranze iradukurikiranye... Ndetse byagezaga sa yine za byeri zikagatora, fanta zo sinakubwira ngo aha ntawarangiza umuganda ntacyo asamuye!

Ntishashize iminzi mike, mbona Bulevari (Boulevard) y'Umuganda turayujye, mbona hirya no hino

**KA02 1093**

amashyamba ni yose, mbona amashuri arubatswe, ngayo amavuriro, mbona imihanda hirya no hino ku buryo n'iwacu ku irembo wahanyuze, mbona nta numwe utinya gufata isuka, umuhoro cyangwa se ikindi gikoresho. Ku buryo iyo akanya kabonetse usanga hari n'abategetsi bari kwiha akabyizi. Nitegereje ibyo byose, Umuganda umaze kutugezaho, nti «*Perezida HABYARIMANA azi kureba kure koko*», kuko uwo muganda bamwe bari batangiye kwita shiku n'uburetwa ahubwo wari umuco wacu wo gufashanya wari utangiye kwibagirana mu banyarwanda.

Mu kwishyira tukizana mu mahoro n'ubumwe Muvoma yadushakiye urubuga twajya duhuriramo tukidagadura, tukanungurana ibitekerezo byateza igihugu cyacu imbere. Nibwo uwayishinze agize ati «rimwe mu cyumweru mujye mushaka akanya muhure mwidagadure kandi mwungurane ibitekerezo, mwibukiranye amatwara ya Muvoma yacu». Ubwo busabane hagati y'abayobozi n'abayoborwa mu myidagaduro nibwo Umukuru w'Igihugu yise «Animation» tuyakirana amaboko yombi kuko twari tubonye ubundi buryo bwo gushyigikira ubumwe bwacu.

### **Muvoma yibarutse n'andi mashami**

Mu kutubumbira hamwe, Muvoma ntiyibagiye ko mu banyarwanda harimo bamwe bafite ibibazo bihariye kurusha abandi, nabo ibateganyiriza urubuga rwhariye bazajya bahurizamo ibibazo byabo. Nibwo mu ngingo ya 65 ya sitati (statuts) za Muvoma Revolisiyoneri Iharanira Amajyambere y'u Rwanda igize iti:

«Muvoma Revolisiyoneri Iharanira Amajyambere y'u Rwanda ishobora gushyiraho ingaga zishinzwe kugera ku bikorwa biteganijwe. Ishobora no gutsura ingaga zigizwe n'abategarugori, n'urubyiruko, n'abanyeshuri, n'abakozi, ahanini n'abafite imibereho imwe cyangwa umwuga bahuriyeho. Imiterere y'izo ngaga, abazayijyamo n'imikorere yazo, byemerwa na Komite-Nyobozi».

Muri 1987 nibwo Urugaga rw'Abakozi rwitwaga CESTRAR rwakoze Kongre yarwo ya mbere ruhabwa n'abayobozi ku buryo ubu inzego zarwo zose zimaze gushyirwaho. Umwaka ushize wa 1989 nibwo Muvoma yibarutse urugaga rw'Abari n'Abategarugori mu guharanira

Amajyambere, mu magambo ahinnye rukiwira URAMA Umukuru w'Igihugu yabatije «Umutima wa Muvoma». Inzego zarwo nazo ziri gushyirwaho. Mu minsi iri imbere twiteguye kwakira Urugaga rw'Urubyiruko narwo ruzajya rwigiramo ibibazo byarwo.

### **Inzira iracyari ndende**

Nubwo Muvoma yatugejeje kuri byinshi, inzira iracyari ndende. Hirya no hino abanzi b'amahoro babuza abaturage gusinzira. Haba mu mijyi cyangwa se mu cyaro, amabandi arasahura, ndetse rimwe na rimwe akarimbura imbaga. Ubwo bubandi burakururwa n'ingeso mbi y'ubunembwe dusangana bamwe bashaka gukira badakoze, babona kanaka wageze kuri iki n'iki yiyushye akuya nabo bakamera amababa bakararikira kubimucuzi. Abo Muvoma yacu irabamagana kandi ntawabura gushima ukuntu inzego za selire na segiteri zikora uko zishoboye ngo zirwanye icyo cyorezo. Bizarushaho kuba byiza buri muturarwanda wese najya atungira agatoki inzego zibishinzwe, maze twese hamwe tugafatanyaga guhashya izo nyangabirama za Kabare zikwiye kugenzurwa bihagije kuko akenshi usanga izo mburamukoro ariho zigomera mu gihe abandi baba bari mu kazi.

Ikindi dukwiye kwamagana ni umurengwe dusangana bamwe. Turibuke ukuntu muri 1980 abantu bamaze gusinda amahoro bagashaka kuyavutsa abaturarwanda. Ntawakwihanukira ngo arahire rwose ko bene abo bantu bashize mu gihugu dukurikije ibyo tumaze iminsi dusoma mu binyamakuru. Bamwe birirwa bacura impuha, basabanyanga cyangwa bagateranya ubutegetsi n'abaturage ndetse no kugonganisha abategetsi ubwabo. Abandi ngo bamara gukirira mu gihugu imari bakayisahurira mu mahanga aho kuyishora mu mishinga yagirira abanyarwanda akamaro. Ndetse ngo hari n'abamara kurengwa bagashora imari yabo mu gucura impuha, bakagurira ibinyamakuru ngo bibandikire ibinyoma byabo. Abo bose Muvoma irabamagana kandi twese dufatanye kubamagana maze ubumwe n'amahoro bikomeze bishinge imizi mu Rwanda.

Ariko kandi ngo «nta mahoro ku muntu waburaye, nta mahoro ku muntu udafite icyo arya». Mu gihe twizihiza imyaka cumi n'itanu, mbona twari dukwiye guhagurukira rimwe twese, tugakurikiza amabwiriza duhabwa

n'abayobozi ngo turwanye iyo nkenya y'inzara. Tukaringaniza urubyaro rwacu n'umusaruro, tukita ku butaka bwacu kugira ngo umusaruro wiyongere, tukirinda gusesagura uduke dufite n'abashinzwe gucunga neza ibya rubanda bakarushaho. Nubwo badasiba kubitubwira usanga rwose hari abantu bacyibereye mu bintu by'amaraha nk'aho ubukene buri mu gihugu butabareba.

Gucunga neza ibya rubanda ntibireba abategetsi gusa, natwe abaturage biratureba. None se iyo wangije umuhanda cyangwa se ugakuraho twa dutara ngo ejo imodoka izahagwe ubona uko uyisahura, hari ubugome burenze ubwo? Iyo wica ibikorwa by'amazi ngo abantu basubire gushoka ibinamba, basubire kuri ya mazi yuzuye inzoka z'amoko yose, hari ukuroga kurenze uko? Izo ni ingero mbonye hafi ubwo hari n'izindi.

Mu bindi bihungabanyaga amahoro, twibagirwa ibiyobyabwenge bamwe babonyemo ubucuruzi kandi twese tutayobewe ububi bwabyo. Usibye ko ubinywa ubwe aba yiroga, tuzi ko iyo amaze kubinywa ahinduka nk'umusazi maze agakora amarorerwa. Abo bose dukwiye guhaguruka tukabarwanya.

Ikindi kivugwa ni ruswa isigaye irangwa mu nzego zimwe na zimwe z'ubutegetsi. Bamwe bati «umucamanza baramuhongera akaruka uko arwumva! Abandi bati «ntawe ukibona uruhushya rwo gutwara imodoka ntacyo ahaye umujandarume». Ngo mu mpushya zo gutumiza ibintu mu mahanga, ruswa iraca ibintu, hari n'abemeza ko yageze mu mashuri, naho abakozi bo kuri za gasutamo no kwinjiza imisoro ngo bakora mu biryo bihiye!... Ibyo byose nta wundi muti wabibonera uretse guhana utanga iyo ruswa. Kuki wumva ko ntacyakorwa ntacyo utanze kandi ako kazi nyiri uguhabwa ruswa agahemberwa na leta?

Muri make n'ibyo nagiraga ngo ngeze ku banyarwanda mu gihe twizihiza imyaka cumi n'itanu ya Muvoma yacu. Ibyiza yatugejejeho ni byinshi. Simpamya kandi ko muri iyi nyandiko nabivuze byose. Inzitizi nazo ziracyari zose. Nabagejejeho izo nashoboye kubona, namwe muzanyunganire kuko ntawe uniganwa ijamba maze dufatanye kuzirwanya twambuke inyanja y'ubukene mu mahoro n'ubumwe twazaniye na Muvoma yacu. Sinarangiza ntifurije MRND gusugira, igasagamba, igatera imbere mu Rwanda rwacu.

Mbifurije isabukuru nziza.

**DORE IMWE MU MIGANI INKOTANYI YIGEZE KUNCIRA DUHURIYE MURI UGANDA, MU KIGANIRO TWAGIRANYE HAFI ISAHA.**

**1. Abahutu batinya impuha kurusha icumu**

Nibutse uwo mugani nsanga koko bamwe mu banyarwanda impuha barazigize intwari. Kajeguhakwa yabitanzemo urugero, kuko nta mugabo uruta birya.

**2. Umuhutu amenya inzara, ariko ntamenya inzigo!**

Nta gushidikanya nabyo nibyo, kuko abo Kajeguhakwa ahirikiraho ubwicanyi nibo akeshya buriya bukire afite. Ni ukuvuga ko icyo uwo manyarwanda (umuhutu) abonye amafaranga, akigaramira muri salon y'uwu mukite cyangwa undi wese ufite imari bahakenya ka champagne, ntiyibuka ibyahise, naho nyitukumutereka ayo mayoga aba azirikana byose!!!

Byumba le 11 juin 1990.

**KANGURA  
GISENYI-INFORMATION  
B.P. 19 GISENYI.**

Bravo... NGEZE Hassan. Kuva kera kose na mbere y'ubwigenge, tumenyereye impuha z'abanyarwanda bamwe biyita abanyabwenge kurusha abandi, ndetse kuva kera bagiyeye bagarageza kwitandukanya n'abandi banyarwanda, babeshya ko bo hamanutse hejuru!! Umuntu buntu kuvukana inzuzi, amasaka, uburo n'ibindi binyoma byinshi utarondora ngo uheze, nta byenda gusetsa iruta icyo.

Mu by'ukuri urebye, impuha ni umuco karande wabo bantu, kandi impuha bazitwazaho nk'intwari ikomeye. Kandi koko nibyo icyo umuntu yanditse abeshya, uwo abeshyera akituramira ntiyandike amubeshyuzi, kaba kabaye, kuko impuha zikomeza kuba urudaca bikaba byatuma ndetse na nyirazo atsinda!!

Kuva kera kose abandi banyarwanda bagiyeye batukwa, bacirwa mu maso ngo ni ibicucu, ngo ntibazi ubwenge, ngo ntibashobora gutegeka, nyamara abo

banyarwanda bari barahindutse ibivume bakoze revolisiyo yo muri 59, abitwa ko bazi ubwenge kandi bize mu ishuri ry'indatwa basinziriyeye.

Ese ubundi ugira ngo wowe NGEZE Hassan, wakoreraga KANGUKA witwaga umunyabwenge? Ariko aho bamenyeye ko bibeshye ko nawe uzi ubwenge nkabo, bati «uri icyitso cy'abategetsi, turagufatira ibyemezo, nibindi byinshi umuntu avugishwaga icyo amaze gutahurwa»!

Cyakora bagenzi banjye, basomyi b'ikinyamakuru KANGURA, KANGUKA, nibindi binyamakuru, singamije rwose kuzana amacakubiri no gukwiza umwuka mubi muri iki gihugu cyacu gihunguka amahoro n'ubumwe, ahubwo abagambiriye kuzana amacakubiri, gukwiza umwuka mubi mu gihugu no guhungabanya umutekano, ni abamaze kurengwa no gusinda amahoro n'ubumwe bafaritswemo na Nyakubahwa Jenerali HABYARIMANA Yuvénali.

Koko abanyarwanda turuhanyaga none se nk'abo bantu bashakako Umukuru w'igihugu ahakoreraga iki kundi? Ko nta bubasha afite bwo kuba yabaremera icyabo gihugu? Gukorerwa ibyiza aho kubishima tukabihinduramo bibi, ahubwo tugakurura amatiku n'inzangano ni ugutera Général agahinda. Ubuho se koko si nka rya jwi rivugira mu butayu nti hagire uryumva!! Ibyo ari byo byose hari abanyarwanda barumva rikanabacengera, ndetse hakanarikirikiza, uretse bamwe bake kandi, bafite inyota y'ubutegetsi.

NGEZE Hassan watanze ingero nyinshi zigaragaza ubuteka mutwe bwa KAJEGUHAKWA muri n° 1 ya KANGURA, nibinyoma bye nka bimwe bya Semuhanuka, ariko nanjye nshatse kukunganiraho gato. Umunyamakuru wa KANGUKA yagiye kubaza KAJEGUHAKWA w'umucuruzi ibibazo byerekeranye n'amoko, impunzi, abakire n'abakene amwita Perezida nde? minisitiri nde? depite nde? Yabonaga umucuruzi yabonera uwuhe muti ibyo bibazo? Umucuruzi KAJEGUHAKWA we se yemeye gusubiza ibyo bibazo yiyita nde muri bariya bategetsi navuze haruguru? Ni uruhe ruhare yagira mu kubikemura? Ubuho ahari impunzi yazigurira amasambu (hehe), abakene akabanyanyagizamo amafaranga!! Ese kuki

atasabye umunyamakuru kumubaza ibyerekeranye n'ubucuruzi bwe n'amabandi yamuteye, ibirebana na politiki akabihurira ba nyirabyo.

Mu mugereka wa KANGUKA N° 39 ngo intare ikurira umwana, ikakurusha uburakari, ubwo se ukuri nikugaragara, uriya mugani KANGUKA izawusimbuza uwuhe? Ahari izawusimbuza ngo «Umutege mutindi ushibukana nyirawo!!».

NGEZE Hassan, ndangije ngusaba ko anketi zawe wazazandika no mu gifaransa, kugirango no mu mahanga hamenye Semuhanuka, none se uriya mugereka wa KANGUKA, ibibazo nibisubizo byose ko biri mu gifaransa, nibashakaga kwereka amahanga yose ko abategetsi b'u Rwanda ari abahotozi!!!?

**TURIMASO  
Byumba.**

Inyangarwanda zakunze gukoresha inyandiko zibitutsi zuzuyemo gusebanya. Nimwirebere namwe urwo rwandiko rwanditswe kuri 26-05-1961 mbere y'amatora, none aba bari gutsinda koko?

**MUTABESHYWA Antoine  
Commune MUKINGO  
Secteur BUSOGO  
Cellule RUKORO  
B.P. 33 RUHENGURI**

Mardi le 3 juillet 1990

Ku bayobozi b'ikinyamakuru KANGURA

Muri iyi minsi ibinyamakuru byahagurukiye kwandika inkuru nyinshi zisebya leta y'u Rwanda ibya hano iwacu cyangwa ibyo mu mahanga ariko ntabwo twabigayaga ahubwo twagayaga abantu bakomeza kubyohereza ayo matiku anyuranye. Gusa icyo nyewe mbitekerezaho kuberekeye izo nkuru zivugwa mu gihugu cyacu cyane cyane inkuru ya Kigeli na bagenzi be; iya Semusambi ukomeza gusebya abategetsi nje naricaye ndatekerezaga nsanga abo bose bashakaga kurangaza abategetsi bacu no kugira ngo basubiranemo maze izo nyangarwanda zibone uko ziteza imvururu mu gihugu nk'uko Semusambi yabizobereyemo. Si ubwa mbere twumva ko hari ibihuha hirya no hino mu gihugu. Oya rwose; ahubwo umenye ko inyangarwanda zahoze zivugaga ko twabwo abahutu ikidushobora ari:

## KA02 1095

ukudushuka no kudutera ubwoba kuko dutinya impuha kuruta icumu n'abasilikare. Ibyo mbivuze nkurikije ibaruwa BANYENZI F. yandikiye umuvandimwe we SARUHARA S. ku itariki ya 26 Kamena 1961. Ikaba yaragiraga ati:

Maza le 26.06.1961

Ku muvandimwe nkunda cyane SARUHARA S

Ndakuramutsa. Ndakumenyeshya ko ubu uri igihe cyo gutora, ariko umenye muri iri tora rizahabwa ubwigenge; nimudukora muzaba mupfuye; igishobora abahutu ni ukubashuka muhatera ubwoba. Abahutu batinya impuha kurusha icumu n'abasilikare, muzi ko nta masasu n'abasilikare dufite, dusigaye ku rurimi gusa ariko kunesha ibifura nibirushya.

Mujye muhira abahutu: « Abafungwa ubu hafungwa na Kigeli ». Ariko nubwo dutarataza ay'ubusa inzara igiye kuturimbura n'urubworo. Inyana yimbwa KAVUMBUTSE n'inyangarwanda y'umuhutu-tuisi RUKENYA yaturimbuye. Abahutu bose barozwe bambaye imituku nta numwe tugifite. Dusigaye ku bagore niba abahutu batabirayemo. Uzashake MUNYAMAKOMBE, RUTSOBE, NTASONI n'abandi baragiraye ku ishyamba, muhindure abakiga kuko nimutabahindura aribo bazabatsamba. Ubu nimudatsindira muri iri tora muzashira. Kandi kugira ngo mushobore abahutu nimushake ubucuti kubafyanama babo nibamara kubizera noncho mukore mudafite impungenge. Ndetse munabagurire tuzabafata umwami yaje muzabashuke batore umwami. Kuko nibamutora ariwe tuzaba dutowe. Repubulika ntiyahiriye abatutsi. Ibikingi byacu ni abahutu babituye bakaba baturagiraye ubwasi bazabiriraho. Ubu niba abahutu batatoye umwami ibyacu, inka zacu, imoko zacu n'imvaka zacu n'inkoni twakubiswe nibizarihwa umwami ataje. Nimwihangane muzarore uko dufata ibihutu tutarobanuye tubiteka nk'ibitoki. Muzabishuke bize mu mutwe wacu bimaze gutora umwami wacu. Abahutu aho bageze umwami ubona ko we ntacyo azakora kuri bo! Kandi muzi imyenda abarwanashyaka bacu barimo. Izarihwa n'abahutu tumaze kubashyikira.

Nijye ugukunda BANYENZI F. Ngo utaha na Imakulata, Semusambiko ariga i Nyanza, nabuze amafaranga aba yiga i Rwamagana.

Sé/ BANYENZI F.

Tumaze gusesengura iyi batuwa tukitegereza nibihe turimo ubu nijye ndasanga urwishe ya mbwa rukiyirimo, inyanga wandu utaho zagiyeyo dukomeze tube maso Imana nibishaka tuzagira amahoro na Perezida wacu HABYARIMANA Yuvénali turamwizera ni umukristu Imana izamufasha muri byose nta gushidikanya.

Kuba rero hari utugabo nako ibigabo bikomeza gushora umwuka mubi mu bategetsi b'ingenzi hacu ngo bamwe barashaka kwica KAJEGUSEBANYA nako KAJEGUHAKWA Valensi, abandi ngo abakiga niba bicisha abanyapolitik: bavuka i Nduga, ibyo nta shingiro bifite kuko hari byinshi hirengagijye. Ubu se noncho abakiga bavuye ko Koloneli MAYUYA yishwe n'abanyanduga kandi bo babibonera gihamya ariko yitiku nyine kuko umuserija (sergent) ngo wamurashye ngo ni umunyenduga; ahubwo ndashima abakiga kuko bo badakunda itiku. Imana ibahe gukomeza uwo mutima. Reka ndekereho ni ah'ubutaha gusa dusabe leta y'u Rwanda ishake ibigufuri byo gushyira kuri bya runwa byadutse ubu muri turira dutukanyirye twirengagiza incza y'Umukuru w'Igihugu cyacu. Baca umugani mu kinyarwanda ngo: « Umututsi umwicaza mu kirambi akagusanga mu mbere ku buriri uryamyeho ». Ikindi kandi: « Uhaze aragoma ni uwa Nyirabyoga ». Gusa bu runwa basa n'abamaze gusinda amahoro twazaniye na Jenerali Majoro HABYARIMANA Yuvénali.

Umuzungu ati « abirabura bashoborwa n'inkoni ngo ni aye ». Nawe se ubu kano kanya Semusambi siho avuye mu buhungiro none ngo amaze gusinda amahoro atangiye gusebya leta! Ubu ni uko aryama agasinzira nta wumwirukaho? Leta we! Ugaburira uhaze bararwana. Kubona hari abasirikare ngo mwima imidari ngo bafite uduhano tudafudutse ahubwo mukayihera inyanga birama? Ibyo bigomba gusubirwamo byaba ngombwa mukayibaka tukayiba ingabo zikomeza kudushakira amahoro. Ikindi mbaseba mwebwe abayobozi ba KANGURA ni ukumbwirira mwene Semusambi ariwe Ndikubwimana Jean Baptiste uti « wivanga iby'Imana n'amatiku ya so ». Uti « kandi ujye utekereza mbere yo kuvuga, niba udashaka ko amateka y'u Rwanda yavugwa aya Yesu yo uyasomera iki cyangwa aya Mose ». Eliya n'ay'Abayisiraheli yose kandi ko nzi ko ay'abo mvuze aho haruguru ari aya kera cyane kuruta ay'u Rwanda rwatubayeye.

Ahubwo warahubutse cyane, cyaaane rwose, yewe nta byawe, none utangiye gucira abantu ho iteka ngo ni ibisambo ngo biba inyandiko z'abandi. Ubu se uri umukristo ki niba uciraho abandi iteka? Yesu ati « kuki ureba agatotsi kari mu jisho rya mugenzi wawe ukirangagiza umugogo uri mu ryawe? » Burya ni wowe mwene Semusambi, ni wowe rwose Yesu yabwiraga bakurikaho iyewe, sibyo? Ibuka.....

Nongeye gusaba ibinyamakuru: Umuranga, Kangura na Kinyamateka kwandika inkuru nyazo bikirinda gusebanya. Kinyamateka ni iy'abapadiri, aho kutubwira aho Yesu ageze barimo haratubwira ngo twangane. Ubu se Yesu naza muzababwira ko ariwe wabihatemye yee! Oya sibyo, padiri vuga ibya Yesu: minisitiri yobora minisitiri yawe, Kangura unyomoze abanyabinyoma.

Ndangije nsaba NGEZE Hassan kuzasohora iyi nyandiko yanjye uko iri ntacyo uyihinduyeho muri Kangura yubutaha ukimara kuyibona. Mu binyamakuru nihitiyemo Kangura kuko ivugisha ukuri.

yari: MUTABESHYWA Antoine,  
Commune Mukingo Busogo  
B.P. 33 Ruhengeri

Ibyo ari byo byose. Burugumescitiri wa Komini Rubavu arakomerewe kuko mu gihe twari tugitegura iyi numero twamenye ko abakonsye b'amasegiteri yose, bagejeje akababaro kabo n'akabaturage babatoye kuri Percele: nawe yemera ko hari byinshi amazi ho. Dutegereje ko inzego zibishinzwe zizagira icyo zibivugaho.

*Cher lecteur,*

*Nous sommes heureux de vous envoyer les prémices de notre bimensuel KANGURA.*

*Notre ambition est de donner aux lecteurs des informations fiables, vérifiées et analysées. Pour y arriver nous tâcherons de nous dégager de toute passion, de tout esprit mercantile et de toute déformation délibérée de la vérité.*

*Vos suggestions nous seront grandement utiles.*

*La Rédaction.*

# ISENGESHO RYA RWIGEMA ASEZERA KURI KAJEGUHAKWA.

KA021096

Twebwe Fred-RWIGEMA, Peter-BAYINGANA, BUNYENYEZI Crisi, tumaze kubona ko dupfuye tukiri bato, turagutakambiye Mana y'u Rwanda wowe wirirwa ahandi ugataha i Rwanda kwa bene Kanyarwanda. Abanyamurenge baratwohereje ngo tuzatera u Rwanda ngo Ingabo z'u Rwanda ntacyo zizadutwara. None ku munsu wa kabiri gusa dutangije urugamba, Ingabo z'u Rwanda zahise zitwereka ko zitavogerwa, ubwo zihita ziturasa urufaya. None n'isi twaririragaho turayisize. Nyagasani Mana y'u Rwanda dusabire Abanyarwanda twameneye amaraso y'abana babo, batubabarirako kuko twashutswe n'abo u Rwanda rwakijije nyuma ya 1973. Nyagasani Mana y'i Rwanda, umwami wese uzatera u Rwanda na we azagwe ku gasi nk'uko tuhaguye. Uwanga u Rwanda azabe nk'uko tubaye. Uzatera u Rwanda wese agambiriye kumena amaraso azapfe atarakandagira ku butaka bw'abasogokuru. Nyagasani igihe Abanyarwanda bazibagirirwa ibyo nabakoreye mbamenera amaraso nabo bakansinda i Matimba ariho nzahabwa ijuru; abanyamurenge badushyigikiye nka ba Kajeguhakwa n'izindi nyangarwanda nabo nta kindi nabifuriza uretse kugwa ku gasi nk'uko tukaguyeho.

Nitwe inyangarwanda Kangura yakomeje kwamagana.

- M. 1. Fred RWIGEMA .
- M. 2. Peter BAYINGANA .
- M. 3. Cris BUNYENYEZI .



## Ibitekerezo-gusetsa

- Umubyeyi w'umugore yabwiye umwana we ati «reka nkubwire uko wavutse, uraza kumva ko ari nka gisida». Ati «nahanutse ku mugabo mpata ubusugi bwanjye, muri make ni uko wavutse».
- Umwana ati «noneho nagize amahirwe ugira ibyago».
- Ubusugi n'ikintu cyiza cyane, ku bakobwa bukwiye kubikwa mu mutamenwa (coffre-fort). Ariko se bimaze iki kububika igihe kirekire

- kandi buri mugabo afite urufunguzo.
- Umugabo yarwanye n'umugore bapfa ko umwana babyaye adasa na se. Nyina w'uwo mugabo ahageze aramubaza ati: urapfa iki n'umugore? Umuhungu we ati: turapfa ko uyu mwana atari uwanjye... Nyina aramuseka cyane... ati: Ese ko umuziza ubusa, wowe ubwirwa n'iki niba uri uw'uwo wita so? Arongerera ati: Erega mwana wanjye

- umwana amenya nyina wamubyaye naho ibindi n'amabanga y'urukundo.
- Mbega ukuntu abantu ari babi! Kubona batankunda nk'uko nikunda!
- Iyo bavuze gucumbagira, twumva imvune y'amaguru. Ariko abantu benshi ni abacumbagizwa n'imvune zo ku mutima.

NEMEYE Thomas.



# MPANDESHATU MPUNGABANYA MAHORO.

KA021097

U Rwanda rwatuwe bwa mbere n'abatwa, bagatungwa n'umuhigo n'imbuto zo mu ishyamba. Mu karere k'ikiyaga cya Tchad haza guturuka «abantu» bafite isuka n'umupanga. Ni bo bahutu bageze mu Rwanda ari abahinzi. Abatutsi ari bo ba nyuma baje baturutse iyo muri Etiyopiya y'ubu ari abashumba batunzwe n'amata. Abazi neza ubwo bwoko bwa nyuma bavuga ko babaho nk'injangwe: iyo ufite «amata» baragusanga. icyo bayirusha ni uko iyo bahaze bashaka uburyo bayakwambura bagira ngo bagutegeke. Ni ko byagenze: Umuhutu yakiriye umututsi nk'umushyitsi aho kugira ngo aryame bushyitsi ingeso iranga, ashirwa abaye ny'ir'igihugu, gahutu arategekwa, aba umugaragu, agaragarika imbere y'uwo yacumbikiye.

Amateka atambuka ahese ibisekuru bitabarika by'agahinda k'umuhutu. Kera kabaye umwaka w'1959 uragera. Hakorwa revolisiyo igamije kugobotora Abanyarwanda ku ngoyi ya gihake. Abarwanashyaka basaba demokarasi «abami» barayitinye, amaguru bayabangira ingata. Ku itariki ya 1 Ukwakira 1990 bagaruka barasa abaturage babamenesha ko noneho batagitinye demokarasi: no kuyirasa barayirasa.

## *Ndi iwacu mu Rwanda hanze y'iwacu.*

Hari Umufaransa wavuze ati «intambara ya kabiri y'isi yose irangiye Abafaransa bari barahunze igihugu cyabo, baragarutse bahabwa imyanya myiza n'ibyubahiro mu kazi kurusha abasigaye mu gihugu, ukagira ngo ni bo bagikunda kurusha abasigaye ku nkeke y'urusoro rwa Hitireri».

Imfuruka nini menamaraso ya mpandeshatu mpungabanyamahoro ariwe Kajeguhakwa Valens, yararebye asanga mu Rwanda atari mu Bufaransa. Bikagaragazwa n'imvugo yahozaga ku rurimi ati «ndi iwacu mu Rwanda hanze y'iwacu». Ni bwo ashize kera aha intwari n'abantu agamije kugarura bene wabo akabashyira mu myanya nka ya yindi yahawe Abafaransa bahunze igihugu cyabo. Imbunda rero yari azifite

mu Rwanda kuko mu ibaruwa yandikiye ubushinjacyaha bwa Gisenyi igihe bwashakaga gusobanukirwa ibya cya gitero kitigeze kibaho, hari aho yavuze ngo niba ari imbunda turazifite...

Banyarwanda, Banyarwandakazi, niba azifite aramaze. Si inkuru nshya mbagezaho, mwese muzi ko inkuru mpamo itubwira ko Kajeguhakwa n'abagaragu be batsinzwe. Ubu ari mu buhingiro. Umuryango akomokamo utuye mu Byahi muri Komini Rubavu, abakurambere bavuga ko wahageze uhunga Kanjogera na basaza be mu gihe cy'intambara yo ku Rucunshu. Ibi bikagaragaza ko ari umuryango ufite indwara yo guhunga ubutegetsi n'aho bwaba ari ubwa bene wabo. Twizere noneho ko icyo cyorezo kizatuza V.K. iwabo mu mahanga hanzu y'iwabo mu Rwanda. Hagati aho tumumenyeshye ko Abanyarwanda barenze amateka yo kuba batatu mu guharanira amahoro n'amajyambere. We ubwe se yagiye atazi ko inoti z'«ibisabo» bya peterori azikesha ijamba rya mbere ritangira intego ya M.R.N.D.?

## *Imfuruka ya kabiri mpungabanyamahoro.*

Kanyarengwe ni umuhutu w'umunya-ruhengeri. Akabarwa mu basirikari ba mbere bakuru b'u Rwanda. Ibihe bikatumenyeshye ko ari mu ntware zarwanyije inyenzi zitaramwanduza ubunyenzi. Abarwa mu batumye habaho revolisiyo mvugurura-muco yo muri 1973. Hagati aho, mu nkubi yo gufunga agatsiko ka Majoro Rizinde Tewonesiti. Mugabushaka kari kagamije guhungabanya amahoro y'igihugu. Koloneli Kanyarengwe agira atya amaguru ayashyira ku ngata yari amaze iminsi abanga ubwo yahaga abakozi ba Leta konji nk'inzoga y'umushari. Ng'uko uko «Gahara» yahunze amahoro, aya mu bavandimwe arangara.

Nitwibaze rero hagati ya Kanyarengwe na Kajeguhakwa ubeshya undi. Kuko uriya mukoloneli wafutse umusatsi, simpamya neza ko ubuhungiro ari bwo bwatuma yibagirwa icyawumupfuye. Ni nde wakwemeza

koko ko afite umutimanama wo gukorera «ibimanuka».

## *Ingirwa jenerali majoro Rwigema.*

Museveni Perezida wa O.U.A. (Umuryango w'ubumwe bw'Afurika) muri iki gihe, mbere y'uko ayobora Uganda yarabanje yigomeka ku butegetsi bwariho. Aba inyeshyamba ashaka izindi mu Banyankore no mu mpunzi z'Abanyarwanda. Mu bo yakoranye nabo b'imena harimo Rwigema na Salim Saleh. Baratsinze bigarurira Uganda.

Rwigema wari uyoboye inyenzi, yaketse ko u Rwanda ari Uganda, akoresha amayeri bakoresheje bigarurira igihugu kitari icyabo. Nibwo abaye nk'utanga umwitoto w'impamyan-tego ry'isomo ryatanzwe n'umugaba w'ingabo z'u Rwanda. Jenerali Majoro HABYARIMANA Yuvenali.

Uwo mwanzi w'«imisozi igihumbi» yabuze uburyo yuzuzamwe mu mahame y'ubunyeshyamba kubera ko nyine isomo Habyarimana yatanywe ubuhanga bwinshi, akaritanga mu buryo buhitwe, ari «ubumwe». Iryo somo rero ryacengeye neza mu Banyarwanda. Nk'uko nta somo ritagira ibitambo, ni ukuvuga abaswa, abatafaryumvise ni utwo tunyezi tugera hafi ku bihumbi icumi. None se miriyoni indwi n'igice z'Abanyarwanda uvanyemo ibihumbi icumi wavuga ko isomo ritabaye munange? Kereka nawe uri inyanga rwanda!

Mu kubinda amatwi aya kwitabira Imana muri Amerika, ingirwa Jenerali-Majoro Rwigema agiye amenye ko intego z'iryo somo ari:

1. Abanyarwanda bagomba kunga ubumwe bagahashya umwanzi aramutse ateye igihugu cyabo aturutse inyuma cyangwa imbere yacyo.
2. Abanyarwanda bagomba guharanira amahoro bafatanye urunana kandi ntihagire igihugu kiri mu karere barimo bendereza mu buryo ubwo ari bwo bwose. Abasirikari bagomba guhora bari maso kuko ushaka amahoro ategura intambara; kubera ko hari abanzi b'amahoro.

Ingabo z'u Rwanda zigomba kuyarinda igihe cyose no ku giciro icyo ari cyo cyose.

Kuri iyi ntogo, umwe mu basirikari bo muri Zayire bari ku rugamba yavuze ati «nakekaga ko abasirikari bo mu Rwanda ari abatesi gusa batagira icyo bimurira ku itabaro (ubwo yashakaga kuvuga ko bahembwa neza bakarya neza, bakambara neza). Ibyo niboneye nasanze binyuranye nibyo nakekaga. Bararwanye kandi barekane ko atari imburuburu. «Iwizere ko Umugaba wabo azahora abarinda kuba imburuburu, ntawamenya aho bazatumwa!»

3. Abanyarwanda bagomba kwitabira amajyambere, bagatera agatambwe buri muni bagana imbere imihanda igashyirwamo kaburimbo, amavuriro y'ingeri zose akubakwa, ubuhinzi bukitabwaho, amashuri akongerwa, ubutegetsi bukegera abaturage, ubutabera bugahagurukirwa, ruswa igacyahwa, ibinyamakuru bigahabwa ubwigenge bwo kwandika.

Dore Mpandeshatu mpungabanyamahoro tumye mu mateka y'u Rwanda hiyongeramo ko mu mwaka w'1990 Ukwakira, itariki ya mbere, inyanga rwanda zateye u Rwanda.

Aha ndibutsa Abanyarwanda ko amateka abereyeho kubaka aho gusenya. Ushyira mu gaciro, maze mu mateka ukarebamo ibyagenze neza ukabishyigikira, ukarebamo ibyagenze nabi ukabisenya. Ngaho dukomeze twunge ubumwe, twime amatwi abashaka kugarura ingoma ya gihake mu Rwanda rwacu. Nitwishime intambara y'ukwezi turayitsinze.

Murakoze.

Issa NYABYENDA.

## Monsieur Yoweri Kaguta Museveni, Président en Exercice de l'Organisation de l'Unité Africaine, et cher père,

Oui, avec un retard mais « mieux vaut tard que jamais », je vous remercie et vous félicite de votre élection à la tête de notre chère Organisation de l'Unité, de la Paix de la Concorde entre les peuples africains : OUA.

Mes sentiments ont été nourris d'espoir quand j'ai appris la nouvelle MUSEVENI, hier le rebelle et le maquisard des années 70-80, maintenant le père, le vénéré et l'élu de l'Afrique entière.

Je me suis dit enfin : l'Afrique n'est pas finalement ingrate envers ses fils n'est-ce pas !

En effet, vos pairs vous ont légué la maison pendant l'exercice ; vous êtes le début, la fin de cette chère Afrique dont vous portez finalement le symbole de viva Africa.

Des expériences des uns et des autres pour accéder à la magistrature suprême, vous le savez, ont dû prendre le chemin d'abord de l'Université, de l'Armée, de l'Administration, de ..., de ..., mais vous

c'est surtout le maquis. C'est une expérience heureuse et on a applaudi peut-être naïvement votre élection, maquisard Président.

Avec des changements pleins d'espoir en Afrique Australe que vous n'avez pas, en somme, provoqués, le conflit libérien vous échappe ; soit c'est loin du chairman. Au fait, le bruit des armes ne vous est pas étrange bien sûr et vous n'ignorez pas que l'arme à feu tue. Et vous avez été élu en principe pour les faire taire.

Or, ce début d'Octobre, alors que vous étiez absent un conflit armé naît perpétré par votre propre « armée en désertion », dites-vous pour aller faire le maquis et le sang dans un des Pays dont vous êtes le fameux parapluie. C'est donc l'image de celui qui vous a porté au pouvoir à KAMPALA.

Cher père, je vous supplie d'aller vous-mêmes retirer ses enfants égarés et irresponsables qui ne sont rien d'autre que votre tort sanguinaire.

Lors de votre passage au Pays des Mille Collines (j'oublie la date, et qu'elle soit oubliée à jamais) qui, sous vos coups, est déjà celui des Mille Tombes, vous disiez que votre peuple ne vous reconnaît pas comme son propre fils. Oui enfin, j'en vois la raison : MUSEVENI apatriote.

Un enfant qui tue est un démon sans nul pareil au monde car même les renégats de l'APARTHEID ont gardé Mandela pendant la période que vous connaissez.

Cher père, je termine en vous souhaitant moins de rêves à HITLER et SADDAM.

NSENGIYUMVA Fulgence.

GATSIBO, RWANDA.

C/O B.P. 178 KIGALI.

## UDUKURU N'UDUTEKEREZO.

**Mu rusimbi rw'« imishu to » nta supu itangwa.**

Mu kinyarwanda bavugaga ko indarikirakwambara y'umugore yatuye umugabo ku gasi. Mu mugwi wa Gisenyi ibintu byarahindutse : indarikirira umushito y'umugabo yatuye umugore ku gasi.

Mu by'ukuri, umushito ni uburyo bwo gutanga ideni bwadukanywe n'abahungu bakomoka i Buruseri muri Komini Nyamyumba. Ubu bukaba bumaze gucengera mu bakozi bamwe na bamwe ba BRALIRWA ku Gisenyi. Ushaka ideni asinyira urimuhaye sheki ihwanye n'amafaranga yikubye kabiri umwenda. Itariki yo kwishyura yagera.

uwaguriye akajya kubaza uwagurijwe niba muri banki hari ikirimo. Iyo ntakirimo cyangwa harimo igice handikwa izindi sheki ebyiri. Iya mbere ikabikuza igice gihari, iya kabiri ikandikwaho asigaye ariko nano akagomba kukubwa kabiri.

Hari abatabasha kwishyura kubera ibindi bibazo noneho amafaranga

agakomeza kugenda akora igiti nk'icya muzika. Mu mezi make ugasanga umwenda w'ibihumbi magana abiri ugeze muri miriyoni. Karyamyenda yabona byakomeye akikiza atanga nk'ivatiri ifite agaciro k'ibihumbi magana inani akagerekaho n'ibindi bintu bifite agaciro k'ibihumbi magana abiri, kugira ngo arebe ko yava mu rwobo yicukuriye. Ni bwo ubona umugabo ukorera ibihumbi ijana ku kwezi, wayobotse imisheto, arutwa n'ukorera ibihumbi icumi uzi gushyira mu gaciro. Igitangaje ni uko bikorwa mu masezerano nta we ushyizeho undi agahato. Irari ni indwara mbi koko.

Umwe mu bakunze kuguriza ababishaka kuri ubwo buryo ukomoka i Buruseri ubu afite amazu y'abantu bane yafashe kubera ko umwenda wagiye ukura yabona umaze kunganya agaciro n'inzu y'ubu yagurije agahita yifunga. Bityo bityo none amazu abaye ari kandi biracyaza. Ubwo umugore utazi uko byagenze agaturubikwa, Cyakora kuri ibi by'amazu havugwa ko hakoresha iterabwoba mu kwandika impapuro zemeza ko inzu yaguzwe.

Bagore rero, nimuhagaruke

muhagarare, muneke neza mumenye uko abagabo banyu b'abavunjayi mu «isoko ry'amafaranga» riri ku Gisenyi bakora kimwe n'imicungire y'umutungo w'abagabo bari muri BRALIRWA. Naho ubundi kabayeho. Muramenye ariko ntimutumwe gushakira aho impamvu itari. Nimwungurane inama n'abo mwashakanye.

Abasobanukiye iby'imisheto bahamya ko ikenesha kurusha urusimbi. Urebye ni urusimbi mu rundi uretse ko rwo ari rubi kurushaho: ahantu uribwa wowe utarya. Iby'isupu byo ntuvuge! Ba «makasi» b'i Buruseri, kuri ubwo kutagirira impuhwe ikiremhamuntu mu bijyana n'amafaranga ni yo ntego biyemeje kubahiriza ubudategwa, maze bagatera imbere mu bukire. Abashaka gusenya ingo zabo rero nababwira iki. Mu misheto ntibazuyaza gutiza umuhoro.

### Inama zisanzwe za C.N.D. kuri Radiyo.

Ubu turi mu bihe byo gushimangira koko demokarasi. Biragaragazwa na Perezida w'u. Rwanda Habyarimana Yuvenali uherutse gutangaza ko

amashyaka menshi ari ngombwa.

Kuba ari intumwa za rubanda izagomba gutanga ibitekerezo byabo kuri ayo mashyaka menshi, Abadepite ni bamwe mu bazashyigikira demokarasi ishingiyeye ku mashyaka menshi.

Kubera ko tutizera ko amatora ataha y'Abadepite atazakorwa kimwe n'andi atatu ashize mu byerekeye iyamamaza, ni ukuvuga ko batazongera kwamamazwa na M.R.N.D., turasaba ko guhera ubu inama zabo zisanzwe zajya zicishwa kuri Radiyo hakanakoresha n'itangazo riyime-nyesha ni uko ari uburyo bwo gutegura amatora y'Abadepite mu mashyaka menshi. Umuturage se yazongera kugutora ate atarigeze akubona cyangwa akumva umuvuganira? Yakongera kugutora koko yarumvise umutsikamira?

Ba depite rero, nimusabe kudakorera mu bwiru dore igihe kirageze cyo kujya ahagaragara Rwa rubwa babatera rw'uko muri mwe harimo ba «Bwana Ndemeye» na ba «Bwanda Nisomere ikinyamakuru» wenda mwarukira.

NYABYENDA Issa.

Rédaction Gisenyi-Information  
Journal KANGURA  
B.P. 1312 Kigali  
Phone 40625  
40681  
40229  
40519  
40038

Kigali, kuwa 3 Ugushyirye 1990

IMPAMVU: Kubagaragariza ibyishimo twatewe no gutsinda kw'Ingabo z'u Rwanda.

Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda

Nyakubahwa Perezida wa Repubulika,

Tukimara kumenya ko Ingabo z'igihugu cyacu zongeye guhashya inyangarwanda zari ziyobowe n'umukuru w'Inkotanyi ariwe Fred Rwigema, tukimara kumva mu makuru ya Radiyo Rwanda yavuzwe ku mugoroba wo kuwa 3 Ugushyirye 1990 ko iyo nyangarwanda yaguye ku rugamba yari yashoje. Twese abagize Gisenyi-Information, n'abasomyi ba Kangura, n'abandi bose bakunda ukuri

no kubaho mu mahoro, tubagaragarije ko igihe cyose muzaba mwifuzaga gutegeka u Rwanda tuzabatoro, tuzabushyigikira, tuzavoboka ishyamba ryanyu twese Abanyarwanda b'inyangamugayo. Twese abazi neza ibyiza mwatugejejeho tuzafatanyaga gutsinda inyangarwanda mu gihe tuzaba tukiriho. Ibi mbikoze mu izina rya hagenzi hanjye.

Amatora atinze kugera ngo Abanyarwanda hashimishijwe n'itsinda ry'Ingabo zacu ngo tukwereke uko twishimye tugutora umatora ishyamba waduhitiyemo rya M.R.N.D.

Mu rwego rw'itangazamakuru naho ntituzatezuka ku matwara ya M.R.N.D. Tubifurije ubuzima buzira inzozo mbi, n'umuze mu mahoro bya Nyagasani

Uhagarariye ishyirahamwe  
Gisenyi-Information  
Ngeze Hassan.

Kazanenda Juvénal  
NDUSU - RUIENGERI

Matabu ce 8 Juillet 1990

Monsieur le Rédacteur en Chef  
du Journal KANGURA,

Monsieur,  
Bravo!

C'est avec un plaisir entier que je vous écris. Je suis heureux de vous apprendre que je lis votre périodique avec un vif intérêt. Franchement, je vous rends grâce de cet esprit qui reflète votre souci constant de former et d'informer les gens. Nous attendons beaucoup de votre journal. Il est encore à son stade embryonnaire, mais son avenir est prometteur. Puisse-t-il résister contre les aiguillons de ses rivaux acharnés pour finalement s'imposer!

Votre tâche n'est pas si facile. Engagez-vous résolument pour l'accomplir avec fidélité. Vous qui avez la chance, plus que la plupart de vos compatriotes, de savoir ce qui se passe ça et là, daignez nous instruire, mais surtout sachez faire un choix pertinent, c'est indispensable. Noble est votre

mission d'éclairer les gens, de les tirer des ténèbres, de les façonner en leur donnant une image qui convient le mieux.

La vérité est chère au journaliste. Présentez mieux les événements tels que vécus, rapportez les choses telles que vues. Dénaturer la vérité de propos délibéré pour aveugler la masse est indigne d'un bon citoyen. Par ailleurs,

cachez à la masse la vérité qui sauve n'est que la trahir. La masse a les yeux braqués sur vous, ne la déroutez pas. Cependant, la vérité peut vous causer des ennuis. On vous lira, on vous interprétera, on vous collera des qualificatifs, à tort ou à raison. Tenez ferme, ne lâchez pas prise, la vérité est la seule arme dont vous serez couvert pour vaincre.

Tout en vous réitérant mes sincères remerciements, je souhaite, Monsieur le Rédacteur en Chef, bonne vie et prospérité à KANGURA.

Kazanenda Juvénal  
NDUSU - RUHENGRI.

## UMWANZURO.

Uburanira NGEZE Hassan Bwana AYIRWANDA ati NGEZE akwiye ishimwe aho gufungwa.

WA: NGEZE Hassan, ushinjwa  
ABURANA NA: Ubushinjacyaha  
MU RUBANZA: R.M.P. S.E.  
139/PROGERAL — R.P. 63/C.S.E.  
MU RUKIKO: Cour de Sûreté de l'Etat.

Tumaze kubona urubanza R.M.P. S.E. 139/PROGERAL — R.P. 63/C.S.E., ubushinjacyaha bukurikiranaho NGEZE Hassan:

Tumaze kubona impapuro zihamagara ababuranyi kuzitaba urukiko kuwa 14 Nyakanga 1990 kugira ngo baburane;

Tumaze kubona ko ari ngombwa gusobanura imyiregurire ya NGEZE Hassan ushinjwa.

### I. icyaha muri rusange

U Rwanda ni igihugu kigendera ku mategeko. Mu mategeko rero, kugira ngo umuntu ahanwe agomba kuba yakoze icyaha. Uwakoze itegeko-teka n° 21/77 ryo kuwa 18/8/1977 rishyiraho amategeko ahana yatangiye asobanura icyaha icyo ari cyo; «l'infraction est une action ou une omission qui se manifeste comme une atteinte à l'ordre sociale et que la loi sanctionne par une peine» (article 1<sup>er</sup> du code pénal, livre 1<sup>er</sup>).

Kugira ngo iyo myifatire yitwe icyaha noneho ishobore kuba yahanishwa amategeko ateganyijwe muri code pénal, hari ingingo zigomba kuba zuzuye, aribyo bita «éléments constitutifs de l'infraction». Uwakoze itegeko-teka navuze mu mwanya ntiyirirwe avuga iza izo éléments, ariko urebye muri iriya définition yatanze zikubiyemo. Abahanga basobanuye iriya définition baravugaga bati «un acte ne constitue une infraction punissable que si, prévu et réprimé par la loi (élément légal), il a été

accompli matériellement ou tout au moins son exécution a été commencée (élément matériel) par une personne humaine douée d'une volonté libre et consciente (élément moral)» (Stefani, *Levasseur et Bouloc*: «Droit pénal général, 11<sup>ème</sup> édition, n° 114).

Ntabwo twirirwa dutinda ku ngingo ya mbere n'ya kabiri, ahubwo nagirango duhagarare gatoya ku ngingo ya gatatu, ariyo «élément moral». Kugira ngo imyifatire iyi n'iyi yitwe icyaha, nyirayo agomba kuba yarazi neza ko ari mu kwica itegeko rihana, cyangwa agamije rwose kuryica: «il faut que l'auteur ait eu la volonté ou la conscience de violer la loi pénale» (Stefani, *Levasseur et Bouloc*, *Op-cit.*, n° 2112). Nicyo bita «l'intention criminelle», ni ukuvuga: «la volonté tendue à dessein vers un but interdit par la loi pénale c'est donc la connaissance ou la conscience chez l'agent qu'il accomplit un acte illicite» (ibidem, n°s 214 et 215).

Ubwu tumaze kubona ingingo zigomba kuzuzwa kugira ngo icyaha kibeho muri rusange, dushigajwe noneho kureba icyaha Ngeze aregwa niba muri iyi dosiye iburanwa izo ngingo zirimo, niho icyaha cyaba cyarabayeho.

### II. icyaha Ngeze Hassan ashinjwa.

Ngeze Hassan akurikiranyweho ngo kuba ari ku Gisenyi n'i Kigali, ho muri Repubulika y'u Rwanda, mu kwezi kwa Gicurasi na Kamena 1990, yaranditse mu kinyamakuru cye inyandiko zerekanyeye n'amoko n'izindi zisebya abategetsi b'u Rwanda. Ibyo bikaba byashobora kugandisha abaturage ndetse bikaba byanatera imidugararo. icyo cyaha gihanishwa ingingo ya 166 y'igitabo cya kabiri, cy'amategeko ahana ibyaha.

Mu kumushinja iki cyaha, ubushinjacyaha bwahereye ku nyandiko zasohotse mu kinyamakuru KANGURA

gitegekwa na NGEZE, mu numero zacyo zasohotse mu kwezi kwa 5 no mu kwezi kwa 6, izo nyandiko zikaba zari zerekeye ikibazo cy'impunzi; ikibazo cy'ibintu byabereye; Butare ubwo abajandarume barasaga abanyeshuri bo muri U.N.R.; ikibazo cyo muri gereza ya Kigali; ikibazo cyo mu bitaro by'i Kigali; ikibazo cy'amoko.

None ikintu cya mbere na mbere nibaza, ndashaka kumenya niba muri izo nyandiko zasohotse bigaragara ko Ngeze yari atite igitekerezo cyo guhungabanya umutekano w'igihugu, mu yandi magambo ni ukuvuga niba yari agamije kwangisha ubutegetsi abaturage, cyangwa kugandisha abaturage, cyangwa gutera imidugararo mu gihugu. Ni ukumenya niba mu bintu byasohowe muri icyo kinyamakuru harimo ya «élément intention», wa mugambi wo gukora icyaha. Abamushinja nibo bagomba kubigaragaza: «la preuve de l'intention incombe normalement au ministère public» (*Droit pénal général, op-cit.* n° 215).

Uretse ko atari we ugomba kugaragaza ko nta kosa yakoze, n'ubwo umurega ariwe ugomba kwerekana ko Ngeze yakoze amakosa, nagirango nsobanurire urukiko ibi bikurikira:

#### 1. Umurongo w'ikinyamakuru KANGURA, umugambi wayo:

Nk'uko nyirukugishyiraho abisobanura, Kangura igamije gukangura abaturarwanda kimwe n'ibindi binyamakuru, igamije kwerekana buri gihe aho ukuri guherereye. Niyi mpamvu iyo hari inkuru yanditswe ku Rwanda ikaba icye ukubiri n'ukuri, Kangura yihutira kuyibeshyuzwa, ikerekana aho ukuri kuri, noneho abasomyi ntibafataho ukuri ya nkuru y'ibinyoma. Cyangwa se haba hari

ibintu biriho ariko abanyarwanda batabizi ko biriho kandi bibareba, *Kangura* irabibabwira. Ibyo maze kuvuga nabitangira urugero mpereye ku nyandiko zasohotse muri *Kangura* n° 2.

2. Ibyo Ngeze akora, abihirwa uburenganzira n'Itegeko-Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda, rigira riti: «*Umutururwanda wese afite uburenganzira bwo kuvuga igitekerezo cye (article 18)*». Kandi ubwo burenganzira na Perezida wa Repubulika arabushyigikiye, nk'uko adasiba kubivuga. Urugero natanga ni ijamba yavuze asoza umwaka wa 1989 (reba Imvaho n° 825 cyane cyane page 3). None mu gihe Itegeko-Nshinga ritanga uburenganzira, Perezida wa Repubulika agatangaza ko abushyigikiye, hanyuma umumilita yabukoresha akabifungirwa, ibyo ni iki niba atari urugomo?

3. Ibyo Ngeze akurikiranyeho siko byose ariwe wabyanditse:

uretse ko nta cyaha kiri mu byasohotse muri *Kangura*, naho cyaba kirimo tugomba kuzirikana ko umuntu wese ahanirwa icyaha yakoze, nta we uhanirwa undi. Nicyo bita «*personnalité de la peine*». Ziriya nyandiko zasohotse muri *Kangura* ziramutse zirimo icyaha, kuki hatakurikiranwa abazanditse, nk'uko bazisinye, kandi n'amazina yabo na adresses zabo Ngeze akaba yarabivuze abazwa?

Dore nk'inyandiko yerekeye ibitaro bya Kigali ni iy'uwitwa ZEMBE Muhindo Joseph, naho iyerekeye gereza ya Kigali na Minisitiri w'ubutabera ni iya Hangimana. Niba bigaragaye ko harimo icyaha, bene zo bakurikiranwa, ntabwo Ngeze yakurikiranwa mu mwanya wabo.

4. Ibyanditse si ibinyoma, ni impamo:

Mu mwanya nibukije ko Perezida wa Repubulika yavuze ko nta we ukwiye kuniganwa ijamba. Umuntu rero akwiye kuvuga koko icyo atekereza, cyaba ikinyoma akabeshyuzwa, cyaba ukuri amahoro akaba arahinda. Ibyasohotse muri *Kangura* byo si ibinyoma, ni ukuri gusa:

a. ikibazo cy'impunzi zitegura gutera igihugu: Perezida wa Repubulika ntabwo kwibutsa ikibazo cy'impunzi muri rusange. Naho ibyo izishaka kugaruka ku

mbaraga, inama ya Komite Nyobozi ya M.R.N.D. yagize icyo igitangazaho, hashize nk'imyaka ine. Icyo gihe niho yamaganye abashaka gutahuka ku ruhembe rw'umuheto. None Ngeze niyandika ikibazo kiriho kandi n'Abategetsi bo hejuru bavuga ku mugaragaro ngo arakosheje?

b. ikibazo cya gereza ya Kigali: kuba abagororwa bakubitwa, kuba nta mazi ahagije babona, kuba hari abafunzwe kuva kera bataburanye, si ibinyoma, ni byo:

— niba muri gereza zo mu Rwanda abagororwa bafashwe neza, abo muri gereza ya Ririma bakoreye iki grève le 19/7/1989? Mazimpaka na Sibomana bamugajwe n'iki?

— robinets z'amazi 12 muri gereza ya Kigali ifite abagororwa bagera kuri 4.000 zirahagije?

— abafunzwe bataburana: ibaruwa n° 277/05.08 umuyobozi wa gereza ya Kigali yandikiye Prokireri kuwa 21/5/1990, hari ikimenyetso kiyirenze? Naho ibaruwa n° 367/05.15 uwo muyobozi yandikiye Perezida w'urukiko rw'ubujurire, yo hari ikindi kimenyetso kiyisumba? Ibimenyetso ni byinshi cyane.

c. Ikibazo cy'ibyabaye mu bitaro bya Kigali: iyo nkuru y'umugore wahaguye agasiga utwana tubiri nta we utayizi. Icyo abantu batari bazi, ni uko utwo twana minisitiri yadushyize mu kigo cy'imfubyi. Ngeze yabonye na Minisitiri amwemerera ko ibyo bintu byabayeho.

d. Ikibazo cy'abatutsi:

Inyandiko zanditswe simbona uwo zitera ubwoba wundi uretse uwo zaba zaratahuriye umugambi.

Kandi kumenya ko mu Rwanda hari amoko atatu n'ibibazo iyo situation ishobora kubyara, nta kibi kirimo. Ahubwo ikibi cyaba uguhakana ko nta moko atandukanye ahari.

Ngeze yasobanuye mu ibazwa rye icyo yari agamije yandika ku moko. Si umugambi mubi.

e. Ikibazo cya perefere wa Butare:

singitindaho, mesure ubutegetsi buherutse kumufatira iragazaga ko Ngeze ntacyo yabeshyeho.

5. Ngeze ntasebya abategetsi (Minijust na Minisanté), ahubwo uretse ko atari na we wanditse izo nyandiko, n'uwazanditse yari afite igitekerezo cyiza: nk'uko Perezida yavuze yuko umunyarwanda afite kugira icyo avuga ku butegetsi kugira ngo burusheho gukora neza, bariya banditse ziriya nyandiko bagira ngo bariya ba Minisitiri bahugukire biriya bibazo biteye inkeke. Nta gusebanya rero kurimo.

Kubera izo mpamvu zose, nsabye urukiko:

1. Kwakira ingingo za Ngeze Hassan no kwemeza ko zifite ishingiro;
2. Kwemeza ko Ngeze ari umwere ku byaha akurikiranyeho;
3. Guherereza amagarama ku isanduku ya Leta.

MUZABA MURENGEYE UBUTABERA.

Kigali, le 13/7/1990  
Pour Ngeze Hassan,  
Maitre Ayirwanda Jean.

ITANGAZO RY'UBWANDITSI BWA KANGURA

Ubwanditsi bwa Kangura buramenyeshya ababakurikira ko akazi basabye ko kuba bamwe mu banditsi bayo ko bemerewe. Bakaba basabwemo kwohereza ibyangombwa byabo bihererekijwe n'amafoto 2 magufi. Ni ukuvyaga fotokopi (Photocopie) y'irangamuntu gusa. bakabyohereza kuri B.P. 19 Gisenyi cyangwa B.P. 1312 Kigali.

N.B.: Bagomba gukora uko bashoboye bakohereza inyandiko zigomba gushokwa muri Kangura itaha bazinyujije kuri B.P. 1312 Kigali — B.P. 19 Gisenyi.

ABO NI ABA:

1. RUBERA PAPIAS — UNR/CAMPUS NYAKINAMA
2. MUSAFILI ILDEBRAND — PROF-NYUNDO
3. NSENGIYUMVA EVARISTE — KIGALI
4. HABARUREMA WILLY — GISENYI
5. MBONABUCYA JEAN B. — B.P. 250 KIGALI
6. MUREKEZI FRANÇOIS — B.P. 160 KIGALI
7. FARANGA FRANÇOIS — B.P. 201 GISENYI
8. KARANGA MARTIN — B.P. 407 KIGALI
9. FASHAHO PHOCAS — B.P. 637 KIGALI
10. RWABUKAMBA JEAN LÉONARD — B.P. 77 KIGALI
11. HATEGEKIMANA ALPHONSE — B.P. 140 KIGALI
12. KAREKEZI ALPHONSE — B.P. 140 KIGALI
13. BYUKUSENGE FRANÇOIS — UNIVERSITÉ NATIONALE DU RWANDA

B.P. 117 BUTARE  
ISAP

Tuboneyeho no gusaba abasomyi ba Kangura ko umugambi wacu ukiri wawundi. Dutegereje inyandiko za buri munyarwanda ukunda ukuri maze natwe tukazinsonsora tukazigeza ku bandi. Gushyigikira Kangura ni ugushyigikira demokarasi. Ni ukubwira abandi ibyo ubarusha, dushyigikirane muri Kangura.



Nyakubahwa Jenerali Majoro HABYARIMANA Yuvenali  
Perezida wa Repubulika na Perezida Fondateri wa M.R.N.D.

**Perezida HABYARIMANA,**

**abashimishijwe no gutsinda kw'Ingabo z'u Rwanda - tuzagutora - tukwijeje ko  
tutazahemukira M.R.N.D. twese abanyarwanda b'inyangamugayo.  
Komera Mubyeyi turagushyigikiye.**